

ISOBANURAMPAMVU KU MUSHINGA W'ITEGEKO RIGENGA BANKI NKURU Y'U RWANDA I. <u>INTANGIRIRO</u> Itegeko ririho rigenga Banki Nkuru y'u Rwanda, yitwa « NBR » mu ngingo zikurikira, ryashyizweho mu mwaka wa 2017 rivugururwa mu mwaka wa 2021. Amasuzuma aherutse gukorwa, arimo isuzuma ryakozwe mu mwaka wa 2024 n'Ikigega Mpuzamahanga cy'Imari (IMF) ku bijyanye no kurinda umutungo, yagaragaje ko itegeko rigenga BNR ririmo ibyuhoro byo mu rwego rw'amategeko ndetse hasabwe ko hakorwa amavugururwa mu rwego rwo kuziba ibyuhoro. Ivugururwa ry'itegeko rigenga BNR rigamije gushyiraho uburyo bwiza bw'imikorere bujyanye n'inshingano za Banki Nkuru y'u Rwanda, ubwisanzure bwayo bujyanye n'imicungire y'abakozi, ubw'inzego zayo n'imicungire y'imari, imikoranire inyuze mu macyi ndetse no kubazwa inshingano. Mu gihe zimwe mu ngingo zigize itegeko rigenga BNR zizakomeza kubahirizwa no kugira agaciro, hari ingingo zikeneye kuvugururwa ndetse hakongerwamo n'ingingo nshya kugira ngo gahunda ijyanye n'amategeko n'amabwiriza ya BNR ijyanishwe n'uburyo bw'imiyoborere bukoreshwa na banki nkuru zo hirya no hino ku Isi ndetse n'amahame ngenderwaho mpuzamahanga.	EXPLANATORY NOTE ON THE DRAFT LAW GOVERNING THE NATIONAL BANK OF RWANDA I. <u>BACK GROUND</u> The law currently governing the National Bank of Rwanda (hereinafter “NBR”), was enacted in 2017 and amended in 2021. Recent Safeguard Assessments conducted by IMF, including the 2024 assessment, identified some legal gaps in the existing law and recommended reforms to address them. The revision of the law governing the BNR aims to integrate leading practices regarding the mandate, personal, institutional and financial autonomy of the NBR, as well as its transparency and accountability. While several existing provisions remain relevant, others require updating them, and new provisions have been introduced to align the NBR's legal framework with leading central banking practices and standards.	NOTE EXPLICATIVE SUR LE PROJET DE LOI RÉGISSANT LA BANQUE NATIONALE DU RWANDA I. <u>INTRODUCTION</u> La loi régissant actuellement la Banque nationale du Rwanda (ci-après « BNR ») a été promulguée en 2017 et modifiée en 2021. Les récentes évaluations de sauvegarde menées par le FMI, notamment celle de 2024, ont mis en évidence certaines lacunes juridiques dans la loi en vigueur et recommandé des réformes pour y remédier. La révision de la loi régissant la BNR vise à intégrer les meilleures pratiques concernant le mandat, l'autonomie personnelle, institutionnelle et financière de la BNR, ainsi que sa transparence et responsabilité. Si plusieurs dispositions existantes demeurent pertinentes, d'autres nécessitent une mise à jour, et de nouvelles dispositions ont été introduites afin d'aligner le cadre juridique de la BNR sur les meilleures pratiques et normes des banques centrales.
---	---	---

I. <u>IMPINDUKA ZISABWA</u> Mu rwego rwo gukemura ibyuhoro byagaragaye mu itegeko rigenga BNR, impinduka zikurikira zarakozwe: <i>Uburyo buteganyijwe bwo kongererwa umutungo na Leta:</i> Itegeko ririhoro ubu rigenga BNR ntabwo riteganyaye uko BNR yongererwa umutungo mu gihe habaye ikibazo cy'igabanuka ry'amafaranga. Ingingo ya 67 y'umushinga w'itegeko ishyiraho uburyo busobanutse bukurikizwa kugira ngo umutungo wongerwe, aho Leta isabwa kuziba icyuhoro cy'igabanuka ry'amafaranga mu gihe cy'amezi atandatu imaze kwakira ubusabe bwa BNR. Ubu buryo bwo kongererwa umutungo na Leta ntibukunze kubaho ndetse bukoreshwa gusa mu gihe ari bwo buryo bwonyine BNR ikeneye gukoresha kugira ngo igire ubwihaze bw'amafaranga yayifasha kugira imikorere irambye. <i>Kuba abayobozi, abakozi, intumwa n'abagize inzego zifata ibyemezo za BNR batagomba kuvangirwa mu gihe bakoresha ububasha bwabo cyangwa buzuza inshingano zabo:</i> Itegeko ririhoro ubu rigenga BNR ntabwo riyiha ubwisanzure n'ubwigenge bisesuye mu ishyirwa mu bikorwa ry'ububasha bwayo no kubahiriza intego zayo ku kigo ubwacyo. Izo nzitizi ntizireba ubwisanzure n'ubwigenge bw'abantu, haba abantu ku giti cyabo ndetse	I. <u>PROPOSED CHANGES</u> In a bid to address the gaps identified in the law governing BNR, the following key changes have been made: <i>Mandatory recapitalization mechanism by the State:</i> The current law governing NBR does not provide for funding of NBR in case of capital shortfall. Article 67 of the Draft Law introduces a clear recapitalization procedure, requiring the State to transfer to NBR the required amount within six months after receiving NBR's request. This is a rare exception and exercised only when it is the only measure needed to be taken for the NBR to establish adequate capital reserves for sustainability purposes. <i>Prohibition to be subject to any form of external interference was explicitly extended to the officials, staff, agents and members of the decision-making bodies of NBR:</i> The current law governing NBR limits autonomy and independence in the exercise of its powers and performance of its mission to the institution itself. This limitation excludes the autonomy and independence of persons, both physical and moral, through	I. <u>CHANGEMENTS PROPOSES</u> Afin de combler les lacunes identifiées dans la loi régissant la BNR, les changements clés suivants ont été apportés : <i>Mécanisme de recapitalisation obligatoire par l'État:</i> La législation actuelle régissant la BNR ne prévoit pas de financement en cas d'insuffisance de capital. L'article 67 du projet de loi introduit une procédure de recapitalisation claire, exigeant à l'État de transférer à la BNR le montant requis dans un délai de six mois suivant la réception d'une demande de la BNR. Il s'agit d'une exception rare, appliquée uniquement lorsqu'elle constitue l'unique mesure nécessaire pour permettre à la BNR de constituer des réserves de capital suffisantes à des fins de viabilité. <i>L'interdiction de toute forme d'ingérence extérieure a été explicitement étendue aux fonctionnaires, employés, agents et membres des organes décisionnels de la BNR:</i> La loi actuelle régissant le NBR limite l'autonomie et l'indépendance de l'institution dans l'exercice de ses pouvoirs et l'accomplissement de sa mission. Cette limitation exclut l'autonomie et l'indépendance des personnes, tant
--	---	--

n'ibigo bifite ubuzimagatozi BNR yifashisha kugira ngo igere ku ntogo zayo. Ni yo mpamvu, ingingo ya 4 y'umushinga w'itegeko yavuguruwe kugira ngo hongere ubwo bwisanzure n'ubwigenge bw'abakozi ba BNR, intumwa zayo n'abagize inzego zayo zifata ibyemezo, bityo bikabarinda kuvangirwa n'uwo ari we wese uturutse hanze mu gihe buzuza inshingano zabo.	whom NBR carries out its mission. Therefore, to strengthen personal autonomy, Article 4 of the Draft Law was amended to explicitly extend this autonomy and independence to NBR staff, agents, and members of its decision-making bodies, thereby shielding them from any form of external interference in the discharge of their duties.	physiques que morales, par lesquelles la BNR remplit sa mission. Par conséquent, afin de renforcer l'autonomie personnelle, l'article 4 du projet de loi a été modifié pour étendre explicitement cette autonomie et cette indépendance aux employés, agents et membres des organes décisionnels de la BNR, les protégeant ainsi de toute forme d'ingérence extérieure dans l'exercice de leurs fonctions.
3. Ububasha Inama y'Ubuyobozi itemerewe gutanga: Inama y'Ubuyobozi, nk'urwego rukuriye izindi nzego z'ubuyobozi bwa BNR, ntiyagombye gutanga ububasha bwayo bwo gukora ubugenzuzi. icyakora, itegeko ririhohu ubu rigenga BNR mu ngingo ya 15, igika cya 3, ryemerera Inama y'Ubuyobozi guha Guverineri bumwe mu bubasha bwayo ariko ntiriteganywa ububasha bubujijwe gutangwa cyangwa ngo rigaragaze aho bugomba kugarukira. Umushinga w'itegeko mu ngingo ya 14, igika gisoza cya 4, uziba iki cyuho ugabanywa ububasha bw'Inama y'Ubuyobozi bushobora gutangwa, ukagaragaza ko ubujyanye n'imirimu y'ubugenzuzi n'ikurikiranabikorwa budashobora guhabwa Guverineri.	3. Limits on the delegation of powers by the Board: The Board of Directors, as the supreme governing body of NBR, should not delegate its oversight authority. However, the current law governing the NBR under Article 15 paragraph 3 allows the Board to delegate some of its powers to the Governor without exclusions or specific limitations. The Draft Law under Article 14, last paragraph addresses this gap by restricting the authority delegation of the Board, specifying that oversight and supervision functions cannot be delegated to the Governor.	3. Limites de la délégation de pouvoirs par le Conseil d'administration : Le Conseil d'administration, en tant qu'organe suprême de gouvernance de la BNR, ne devrait pas déléguer son pouvoir de contrôle. Or, la loi en vigueur régissant la BNR, à l'article 15, paragraphe 3, autorise le Conseil à déléguer certains de ses pouvoirs au Gouverneur sans exclusion ni limitation spécifique. Le projet de loi, à l'article 14, dernier alinéa, comble cette lacune en restreignant la délégation de pouvoirs du Conseil et en précisant que les fonctions de contrôle et de supervision ne peuvent être déléguées au Gouverneur.
4. Igihe ntarengwa cyo kujuririra ibyemezo byafashwe na BNR: Ingingo ya 2, igika cya 2, by'itegeko ririhohu ubu rigenga BNR iteganywa ibyemezo bishobora gufatwa na BNR, kandi birasanzwe ko umuntu bireba ashobora	4. Appeal timelines for NBR decisions: Article 2 paragraph 2 of existing Law governing NBR provides for decisions that may be taken by NBR, and it is normal that the affected person may not be satisfied with	4. Délais de recours contre les décisions de la BNR: L'article 2, paragraphe 2, de la loi actuelle régissant la BNR prévoit les décisions que peut prendre cette dernière, et il est normal que la personne concernée ne

kutishimira ibyo byemezo bityo akaba yabijuririra. Mu rwego rwo kwirinda ko ibyo byemezo bijuririrwa ubuziraherezo, umushinga w'itegeko mu ngingo yawo ya 70 ushyiraho igihe ntarengwa cy'amezi atatu cyo kujuririra ibyo byemezo, mu rwego rwo kuziba icyo cyuho kiri mu itegeko ririho ubu. 5. Guha BNR ububasha bwo gushyiraho ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi ku muntu ku giti cye cyangwa ku kigo gifite ubuzimagatozi biturutse ku kutubahiriza amabwiriza yayo, hatitawe ku byavuye mu manza z'inshinjabyaha kandi ku buryo bujyanye na zo ndetse n'ibihano biteganywa n'andi mategeko, aho biri ngombwa (Ingingo ya 10 y'umushinga w'itegeko). 6. Kongerera ibisabwa mu kujya mu Nama y'Ubuyobozi n'umubare w'abayigize kugira ngo Inama y'Ubuyobozi ibe irimo abantu bafite ubumenyi butandukanye bityo komite z'Inama y'Ubuyobozi zirusheho kugira imikorere myiza kandi inoze, cyane ko Guverineri na Guverineri Wungirije batemerewe kujya muri Komite z'Inama y'Ubuyobozi. Mu mushinga w'itegeko, ingingo ya 12 yongerera umubare w'abagize Inama y'Ubuyobozi bakagera kuri 11 kandi ishyiraho ibindi bisabwa kugira ngo wemererwe kuyijyamo harimo ubumenyi mu icungamari, imicungire y'ibyateza ingorane, amategeko, ikoranabuhanga cyangwa mu zindi nzego zirebana n'imirimo ya BNR.	such decision. To avoid endless recourse against that decision, the Draft Law under Article 70 introduces a <i>three-month time limit</i> for appealing against NBR decisions, closing the gap left by the current Law. 5. Providing for the power of NBR to determine administrative sanctions regardless of outcome of/ in parallel with the criminal proceedings and sanctions provided for by other laws, where deemed necessary, to individual or entity for breach of its regulations (Article 10 of the Draft Law). 6. Broadening the eligibility criteria and Board composition in order to have more diversity of skills in the Board and improve the efficiency and effectiveness of Board committees, especially that Governor and Deputy Governor are not allowed to be part of the Board Committees. Under the Draft Law, Article 12 increases the number of the Board members to 11 members and sets additional eligibility criteria namely accounting, risk management, legal, information technology or other disciplines relevant to the functions of the NBR.	soit pas satisfaite de la décision retenue. Afin d'éviter des recours interminables, le projet de loi, en vertu de l'article 70, instaure un délai de trois mois pour faire appel des décisions de la BNR, comblant ainsi une lacune de la loi actuelle. 5. Prévoir le pouvoir de la BNR de déterminer des sanctions administratives indépendamment de l'issue des poursuites pénales et des sanctions prévues par d'autres lois, lorsque cela est jugé nécessaire, à l'encontre d'une personne physique ou morale pour violation de ses règlements (article 10 du projet de loi). 6. Élargir les critères d'éligibilité et la composition du Conseil d'administration afin d'accroître la diversité des compétences en son sein et d'améliorer l'efficience et l'efficacité de ses comités, notamment en excluant le gouverneur et le vice-gouverneur de ces comités. Le projet de loi, article 12, porte le nombre de membres du Conseil à 11 et définit de nouveaux critères d'éligibilité, à savoir la comptabilité, la gestion des risques, le droit, les technologies de l'information ou d'autres disciplines pertinentes aux fonctions de la BNR.
--	--	--

7. <i>Kugena igihe ntarengwa cy'ishyirwaho rya Guverineri, Guverineri Wungirije n'abagize Inama y'Ubuyobozi:</i> Itegeko ririho ubu rigenga BNR riteganya ko Guverineri, Guverineri Wungirije n'abagize Inama y'Ubuyobozi bashyirwaho n'iteka rya Perezida. Iryo tegeko kandi riteganya impamvu z'ihagarikwa ry'imirimo, ariko ntiriteganya igihe ntarengwa cyo gushyiraho umusimbura, ibyo bikaba byagira ingaruka zo gutinda kumushyiraho ndetse n'ihungabana ry'imikorere ya Banki. Ingingo ya 21 n'ya 23 z'umushinga w'itegeko zigamije kuziba icyo cyuho zikaba ziteganya ishyirwaho ry'umusimbura mu gihe cy'amezi atatu, kugira ngo imirimo y'ubuyobozi ikomeze gukorwa.	7. <i>Setting timeline for the appointment of the Governor, Deputy Governor and Members of the Board of Directors:</i> The Current law governing NBR provides that Governor, Deputy Governor and Board members are appointed by a presidential order. The same law provides grounds for termination of duties, but it does not provide for time limit to appoint a successor, which may result in delay in appointment and affect the NBR's functioning. Article 21 and 23 of the Draft Law aim to fill that gap by requiring the appointment of a replacement within three months, thereby ensuring continuity in governance.	7. <i>Établissement d'un calendrier pour la nomination du gouverneur, du vice-gouverneur et des membres du conseil d'administration :</i> La loi actuelle régissant la BNR prévoit que le gouverneur, le vice-gouverneur et les membres du conseil d'administration sont nommés par arrêté présidentiel. Cette même loi prévoit les motifs de cessation de fonctions, mais n'impose aucun délai pour la nomination d'un successeur, ce qui peut entraîner des retards et nuire au fonctionnement de la BNR. Les articles 21 et 23 du projet de loi visent à combler cette lacune en imposant la nomination d'un remplaçant dans un délai de trois mois, garantissant ainsi la continuité de la gouvernance.
8. <i>Kugabanya umubare w'abakozi ba Leta bashobora kuba mu bagize Inama y'Ubuyobozi ya BNR:</i> Mu rwego rwo gushimangira ubwigenge bw'Inama y'Ubuyobozi, igika gishya cyongerewe mu ngingo ya 12 kivuga ko 30 % by'abagize Inama y'Ubuyobozi bashobora kuba abakozi ba Leta hatarimo Guverineri, Guverineri Wungirije n'umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi ukomoka mu rwego rw'amashuri makuru cyangwa umushakashatsi.	8. <i>The limitation on the number of public servants serving on the NBR Board of Directors:</i> To strengthen the independence of the Board, a new paragraph was added in the article 12 stating that at most 30% of the members of the Board of Directors may be civil servants without including Governor, Deputy Governor and any board member from academia or researcher.	8. <i>Limitation du nombre de fonctionnaires siégeant au Conseil d'administration de la BNR :</i> Afin de renforcer l'indépendance du Conseil d'administration, un nouveau paragraphe a été ajouté à l'article 12 stipulant qu'au maximum 30% des membres du Conseil d'administration peuvent être des fonctionnaires, à l'exclusion du Gouverneur, du Vice-Gouverneur et de tout membre du conseil d'administration issu du monde universitaire ou de la recherche.
9. <i>Kugena mu buryo budahindagurika ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama mu gihe cya manda yabo:</i>	9. <i>To stabilize the Sitting allowances of members of the Board of Directors during their term of office:</i> To ensure proper	9. <i>Stabilisation des indemnités de présence des membres du Conseil d'administration pendant leur mandat :</i> Afin de garantir la

Kugira ngo BNR igire imiyoborere ihamye, umuhate w'abagize Inama y'Ubuyobozi yayo urakenewe. Uwo muhate wabo wagombye guterwa imbaraga n'ukudahindagurika kw'ibibagenerwa. Ni yo mpamvu, ingingo ya 20 y'umushinga w'itegeko iteganya ko ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama bitagombye guhindagurika, bitari mu nyungu zabo, mu gihe cya manda yabo.	governance of NBR, the commitment of NBR Board Members is required. Such commitment should be encouraged by the stabilization of their sitting allowances. Therefore, Article 20 of the Draft Law provides guarantees that allowances for members of the Board should not be altered to their disadvantage during their term of office.	bonne gouvernance de la BNR, l'engagement des membres du Conseil d'administration est indispensable. Cet engagement doit être encouragé par la stabilisation de leurs indemnités de présence. C'est pourquoi l'article 20 du projet de loi prévoit des garanties selon lesquelles les indemnités des membres du Conseil d'administration ne pourront être modifiées à leur détriment pendant leur mandat.
10. Ishyirwaho rya Komite ishinzwe ubugenzuzi y'Inama y'Ubuyobozi: Itegeko ririho rigenga BNR, n'ubwo riteganya ko Inama y'Ubuyobozi ishobora gushyiraho komite zayo bwite ndetse ikaba ishobora guha izo komite ububasha bwo gushyira mu bikorwa imirimo yayo iyo ari yo yose cyangwa inshingano zayo, ntabwo risobanura neza izo komite. Ni yo mpamvu, kubera akamaro Komite ishinzwe ubugenzuzi ifite muri BNR nka Banki Nkuru y'u Rwanda, byabaye ngombwa ko isobanurwa kurushaho mu ngingo ya 22 y'umushinga w'itegeko, hatitawe ku zindi komite zishobora gushyirwaho. Ni itegeko ko Inama y'Ubuyobozi igomba gushyiraho Komite ishinzwe ubugenzuzi mu rwego rwo guteza imbere imikorere inyuze mu mucyo ya Banki no kubazwa inshingano.	10. Establishment of a mandatory Board Audit Committee: The existing law governing NBR, although it provides that the Board of Directors may establish its own committees to which it delegates the performance of any of its functions or duties, it does not specify those committees. Given the relevance of Audit Committee in NBR as Central Bank, it becomes necessary to specify under Article 22 of the Draft Law that, irrespective of other committees which may be established, the Board of Directors must, mandatorily, establish the audit committee to enhance transparency and accountability of the Bank.	10. Création d'un Comité d'Audit obligatoire au sein du Conseil d'administration : La loi en vigueur régissant la BNR, bien qu'elle autorise le conseil d'administration à créer ses propres comités auxquels il délègue l'exercice de certaines de ses fonctions ou obligations, ne précise pas la nature de ces comités. Compte tenu du rôle essentiel du comité d'audit au sein de la BNR en tant que banque centrale, il s'avère nécessaire de préciser, à l'article 22 du projet de loi, que, indépendamment de la création d'autres comités, le Conseil d'administration doit impérativement mettre en place un Comité d'Audit afin de renforcer la transparence et la responsabilité de la banque.
11. Gukuraho ububasha bwo gushyiraho k'ubushake abagize Komite Ishinzwe Politiki y'Ifaranga batari abakozi ba BNR no gushyiraho uburyo bashobora gushyirwa	11. Elimination of discretionary powers in appointing non-staff members to the Monetary Policy Committee (MPC) and introducing the possibility of appointing an	11. Suppression du pouvoir discrétionnaire en matière de nomination de membres non permanents au sein du Comité permanent de la politique économique (CPE) et

muri Komite Ishinzwe Ukutajegajega k'Urwego rw'Imari: Itegeko ririho ubu rivuga ko abagize Komite Ishinzwe Politiki y'Ifaranga batari abakozi ba BNR bashyirwaho ku bushake ariko kuba bashyirwa muri Komite Ishinzwe Ukutajegajega k'Urwego rw'Imari ntacyo ribivugaho. Nk'inzego zifata ibyemezo kandi zifite inshingano zo gukora imirimo y'ingenzi, umushinga w'itegeko mu ngingo ya 32 n'ya 35 uteganya ko ari ngombwa gushyiraho abagize Komite Ishinzwe Politiki y'Ifaranga batari abakozi ba BNR ndetse ukabyemerera by'umwihariko Komite Ishinzwe Ukutajegajega k'Urwego rw'Imari, mu rwego rwo gushimangira ubwigenge bw'izo komite zombi uko ari ebyiri.	external member to the Financial Stability Committee (FSC): The current law treats the appointment of non-staff members of the MPC as optional and does not provide for such possibility in FSC. As decision-making bodies responsible for performing key functions, articles 32 and 35 of the Draft Law now make the appointment of external MPC members mandatory and explicitly allow it for the FSC, strengthening the independence of both Committees.	introduction de la possibilité de nommer un membre externe au Comité de surveillance financière (CSF) : La législation actuelle considère la nomination de membres non permanents au sein du CPE comme facultative et ne prévoit pas une telle possibilité au sein du CSF. En tant qu'organes décisionnels chargés de l'exercice de fonctions essentielles, les articles 32 et 35 du projet de loi rendent désormais obligatoire la nomination de membres externes au sein du CPE et l'autorisent explicitement pour le CSF, renforçant ainsi l'indépendance des deux comités.
12. Gusobanura neza uruhare rwa BNR ku bijyanye n'imicungire y'ifaranga ry'u Rwanda: Ingingo ya 38, iya 40 n'ya 42 z'umushinga w'itegeko zitandukanya neza uruhare rwa BNR n'urwa Perezida wa Repubulika. Umushinga w'itegeko wongera gushimangira ko BNR icunga ifaranga ry'u Rwanda, mu gihe ububasha bwo gushyiraho ifaranga bufitwe na Perezida wa Repubulika nk'uko biteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda. Ububasha bwo guhindura amafaranga na bwo bufitwe na Perezida wa Repubulika, hashingiwe ku ihame ry'uko urwego rufite ububasha bwo gushyiraho igikorwa giteganywa n'amategeko ni na rwo rufite ububasha bwo kugikuraho (parallelism of forms), ariko BNR igumana	12. Precision of NBR' role with regard to national currency: Articles 38, 40 and 42 of the Draft Law clearly distinguish the respective role of NBR and the President of the Republic. The Draft Law reaffirms that NBR acts as the <i>manager</i> of the national currency, while the <i>power to issue</i> currency is vested in the President of Republic in accordance with the Constitution of the Republic of Rwanda. The power to demonetize is also reserved for the President of the Republic, based on the principle of “parallelism of forms” but NBR retains the responsibility to propose demonetization.	12. Précision du rôle de la BNR concernant la monnaie nationale : Les articles 38, 40 et 42 du projet de loi distinguent clairement les rôles respectifs de la BNR et du Président de la République. Le projet de loi réaffirme que la BNR gère la monnaie nationale, tandis que le pouvoir d'émettre de la monnaie est dévolu au Président de la République, conformément à la Constitution de la République du Rwanda. Le pouvoir de démonétiser est également réservé au Président de la République, selon le principe de « parallélisme des formes », mais la BNR conserve la responsabilité de proposer la démonétisation.

ububasha bwo gutanga ibitekerezo ku bijyanye no guhindura amafaranga. 13. Gusobanura umuntu ufite inshingano zo gucunga no gushyira mu bikorwa ingengo y'imari ya NBR: Itegeko ririho ubu rigenga BNR ntabwo risobanura neza umuntu ufite inshingano z'imicungire n'ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari ya BNR. Umushinga w'itegeko mu ngingo ya 24 ugamije kuziba icyo cyaho uteganya Guverineri nk'aho ari we ufite inshingano zo gushyira mu bikorwa ingengo y'imari yemejwe. 14. Kongerera ububasha bwa BNR mu bijyanye n'imicungire y'amadovize no kurinda indi mitungo yemewe itari amafaranga: Mu itegeko ririho ubu rigenga BNR ibirebwa na yo ku bijyanye n'imicungire y'amadovize ntibihagije. Kubera iterambere ryihuse ry'urwego rw'imari, rukoresha ibikoresho by'imari byinshi n'imitungo bifite agaciro k'amafaranga, Ingingo ya 41 y'umushinga w'itegeko yagura ibikorwa byemewe yongeramo amafaranga ndetse n'indi mitungo yemewe irimo nko gutera inkunga ibikorwa by'ubucuruzi bwambukiranya imipaka, ingwate ndetse n'ubwoko bw'inshi bw'imitungo wemewe gushorwamo n'inzego zemewe.	13. Precision of the manager and implementor of NBR budget: the current law governing NBR does not precise who is responsible for management and implementation of NBR's budget. The Draft Law under Article 24 aims to fill that loophole by explicitly determining the Governor as the one responsible for implementing the approved budget. 14. Expanding NBR's authority in foreign currency management and enshrining other eligible assets than currency: The scope of NBR in foreign currency management is narrow in the current law governing NBR. With the rapid development of the financial sector, which now covers many instruments and assets with monetary value, Article 41 of Draft Law broadens the scope of authorized transactions by including not only currency but also other eligible assets such as trade finance, guarantees and a wide range of asset classes and sectors.	13. Précision quant au gestionnaire et à l'exécuteur du budget de la BNR : la loi actuelle régissant la BNR ne précise pas qui est responsable de la gestion et de l'exécution de son budget. Le projet de loi, au titre de l'article 24, vise à combler cette lacune en désignant explicitement le Gouverneur comme responsable de l'exécution du budget approuvé. 14. Extension des pouvoirs de la BNR en matière de gestion des devises et inclusion d'autres actifs éligibles que les devises : Le champ d'action de la BNR en matière de gestion des devises est actuellement restreint. Face au développement rapide du secteur financier, qui englobe désormais de nombreux instruments et actifs monétaires, l'article 41 du projet de loi élargit le champ des opérations autorisées en y incluant non seulement les devises, mais aussi d'autres actifs éligibles tels que le financement du commerce international, les garanties et un large éventail de catégories d'actifs et de secteurs.
--	--	--

15. Gukura inyungu n'ibihombo bitaragaragara mu kugena inyungu zisaranganywa n'ingano y'amadovize: Nubwo n'ubusanzwe mu kugena inyungu zisaranganywa ndetse n'ingano y'amadovize BNR itabariramo inyungu n'ibihombo bitaragaragara, ariko Itegeko rifite icyuho cyo kubuza mu buryo busobanutse ibijyanye n'isaranganywa ry'inyungu zitaragaragara. Ni yo mpamvu, kugira ngo iyo mikorere myiza igumeho kandi ishingira imizi, byabaye ngombwa ko bisobanurwa neza mu ngingo ya 68 y'umushinga w'itegeko.	15. Excluding unrealized gains and losses from the determination of distributable profit and reserves: Although the practice of NBR excludes unrealized gains and losses from the determination of distributable profit and reserves, the law lacks a clear prohibition on the distribution of unrealized gains. To maintain and strengthen that good practice, it was necessary to regulate it expressly under Article 68 of the Draft Law.	15. Exclusion des gains et pertes latents du calcul du bénéfice distribuable et des réserves : Bien que la pratique de la BNR exclue les gains et pertes latents du calcul du bénéfice distribuable et des réserves, la loi ne contient aucune interdiction explicite quant à leur distribution. Afin de préserver et de renforcer cette bonne pratique, il était nécessaire de l'encadrer expressément à l'article 68 du projet de loi.
16. Gusobanura uko BNR igira uruhare mu gushyiraho no gukwirakwiza inyandiko nyemezamwenda za Leta: Ingingo ya 48 y'itegeko ririho ubu rigenga BNR ntiyasobanuraga neza uruhare BNR igira mu bijyanye n'inyandiko nyemezamwenda za Leta. Umushinga w'itegeko rigenga BNR ugamije kuziba icyo cyuho, aho mu ngingo yaryo ya 47 usobanura neza ko BNR igira uruhare mu gushyiraho no gukwirakwiza inyandiko nyemezamwenda za Leta z'imbere mu gihugu ku nyungu za Leta, hakurikijwe amasezerano yagiranye na Minisiteri ifite imari mu nshingano.	16. Clarifying the way NBR participates in issuing and distributing government debt securities: Article 48 of the current NBR law is unclear as far as participation of NBR in government debt securities is concerned. The Draft Law governing NBR aims to fill that gap within its article 47 by clarifying that NBR participates in issuing and distributing domestic government debt securities on behalf of the Government under an agreement with the Ministry responsible for finance.	16. Clarification du rôle de la BNR dans l'émission et la distribution de titres de dette publique : L'article 48 de la loi actuelle régissant la BNR est ambigu quant à sa participation à l'émission et à la distribution de titres de dette publique. Le projet de loi régissant la BNR vise à combler cette lacune dans son article 47 en précisant que la BNR participe à l'émission et à la distribution de titres de dette publique nationaux pour le compte du gouvernement, en vertu d'un accord avec le ministère ayant les finances dans ses attributions.
17. Ingwate n'ibisabwa kubahirizwa mu gutanga inguzanyo zihutirwa: Itegeko ririho ubu rigenga BNR rifite icyuho ku bijyanye n'igihe cy'iyishyurwa ry'inguzanyo BNR iha Leta. Icyuho kinagaragarira mu ngingo zidateganya ibigomba kubahirizwa mu guha inguzanyo	17. Emergency lending assistance safeguards and eligibility requirements: The current law governing NBR contains a significant loophole regarding the term of repayment of loans granted by NBR to the Government. The loophole also appears in provisions	17. Garanties et critères d'éligibilité pour l'aide aux prêts d'urgence : La législation actuelle régissant la BNR présente une lacune importante concernant les modalités de remboursement des prêts accordés par la BNR au gouvernement. Cette lacune se

amabanki n'ibindi bigo by'imari, kandi bishobora kuba intandaro yo gutanga inguzanyo mu buryo budasobanutse kandi butemewe. Mu rwego rwo gukemura izo mbogamizi, byabaye ngombwa gushyiraho ingingo z'itegeko zashingirwaho ku byerekeye umurimo wo gutanga inguzanyo zihutirwa mu ngingo ya 48 y'umushinga w'itegeko no kuzihuza n'imikorere myiza ya BNR hashyirwaho igihe ntarengwa cyo kwishyura inguzanyo, mu rwego rwo gukomeza kubaka urwego rw'imari rutajegajega no guteza imbere imicungire inoze y'ifaranga.	governing conditions of granting loans to banks and other financial institutions which should be a source of abuse. To address these vulnerabilities, it was imperative to strengthen the legal basis for the emergency lending assistance (ELA) function under Article 48 of the Draft Law and align with NBR leading practice by setting <i>repayment timelines</i> to ensure financial stability and sound monetary governance.	retrouve également dans les dispositions relatives aux conditions d'octroi de prêts aux banques et autres institutions financières, ce qui pourrait donner lieu à des abus. Afin de remédier à ces vulnérabilités, il était impératif de renforcer le cadre juridique de l'aide aux prêts d'urgence (APU) conformément à l'article 48 du projet de loi et de s'aligner sur les meilleures pratiques de la BNR en fixant des échéanciers de remboursement garantissant la stabilité financière et une saine gouvernance monétaire.
18. Igenzura ry'umugenzuzi w'imari wigenga na manda ye: Ingingo ya 64 y'umushinga w'itegeko ugamije kongera igihe cyo gusimbura ku bugenzuzi bwigenga kikagera ku myaka itanu (5), ukanashyiraho imirongo ngenderwaho ijyanye n'amahame mpuzamahanga agomba kubahirizwa mu gihe cyo gukora ubugenzuzi hagamijwe guteza imbere imikorere inyuze mu mucyo no kubazwa inshingano.	18. Regulatory framework for independent auditor and term of office: Article 64 of the Draft Law aims to extend the external audit rotation period to five years and to provide guidelines on the standard to be used during auditing to ensure financial transparency and accountability.	18. Cadre réglementaire relatif au commissaire aux comptes et à la durée de son mandat : L'article 64 du projet de loi vise à porter à cinq ans la durée de la rotation des commissaires aux comptes et à définir les normes à appliquer lors des audits afin de garantir la transparence et la responsabilité financières.
19. Gushyiraho inshingano zo kugira urwego rw'ubugenzuzi bwite: Nka Banki Nkuru y'u Rwanda, ni ngombwa gushyiraho mu buryo bwemewe urwego rw'ubugenzuzi bw'imbere mu kigo (nk'uko biteganyijwe mu ngingo ya 63 y'umushinga w'itegeko), mu mirimo yayo, kugira ngo hanozwe ibikorwa by'ubugenzuzi, imicungire y'ibyteza ingorane n'uburyo bw'imikorere. Gusobanura neza impamvu uru	19. Establishing an obligation to have an Internal Audit Function: As a Central Bank, it is essential to formally establish an Internal Audit Function (which is addressed under Article 63 of the Draft Law), among functions of NBR, to ensure effective oversight, risk management and internal controls. Clearly defining its existence and reporting lines strengthens governance,	19. Mise en place d'une fonction d'audit interne : En tant que banque centrale, il est essentiel de mettre en place formellement une fonction d'audit interne (prévues à l'article 63 du projet de loi) parmi les fonctions de la BNR, afin de garantir une supervision, une gestion des risques et des contrôles internes efficaces. La définition claire de son existence et de sa hiérarchie

rwego rugomba kujyaho n'inzira zubahirizwa mu gutanga raporo biteza imbere imiyoborere, kubazwa inshingano kandi bishimangira ubunyamugayo n'imikorere ya Banki inyuze mu mucyo.	enhances accountability and supports the integrity and transparency of the Bank's operations.	renforce la gouvernance, accroît la responsabilité et favorise l'intégrité et la transparence des opérations de la Banque.
II. Imiterere n'incamake y'ingingo z'ingenzi z'umushinga w'itegeko	II. Structure and summary of main provisions of the Draft Law	II. Structure et résumé des principales dispositions du projet de loi
Umushinga w'itegeko rigenga BNR ugizwe n'ingingo 74 zigabanyijwe mu mitwe 8 iteye mu buryo bukurikira:	The draft law governing the NBR is made up of 74 articles divided into 8 chapters structured as follows:	Le projet de loi régissant la BNR comprend 74 articles répartis en 8 chapitres structurés comme suit :
Umutwe wa mbere: Uyu mutwe uvuga ku bijyanye n'ingingo rusange. Ukubiyemo icyo itegeko rigamije, ibisobanuro by'amagambo, imari shingiro ya BNR, ubuzimagatozi n'ubwisanzure ndetse n'icyicaro gikuru cya BNR.	Chapter One: This chapter relates to general provisions. It covers the purpose of the Law, interpretation of terms, capital of NBR, its legal status and head office.	Chapitre premier : Ce chapitre porte sur les dispositions générales. Il traite de l'objet de la loi, de son interprétation des termes, du capital de la NBR, de son statut juridique et de son siège social.
Umutwe wa II: Uyu mutwe uvuga ku bijyanye n'intego, inshingano ndetse n'ububasha bya BNR.	Chapter II: This chapter relates to mission, responsibilities and powers of the NBR.	Chapitre II : Ce chapitre traite de la mission, des responsabilités et des pouvoirs de la BNR.
Umutwe wa III: Uyu mutwe uvuga ku bijyanye n'imiterere ya BNR. Ugizwe n'ibyiciro bibiri bivuga ku nzego z'ubuyobozi za NBR, na komite zihariye za BNR.	Chapter III: This chapter relates to organization of NBR. It comprises two sections which respectively deal with the governing bodies of the NBR, and the special committees.	Chapitre III : Ce chapitre traite de l'organisation de la BNR. Il comprend deux sections qui traitent respectivement des Organes de direction de la BNR et des Comités spéciaux
Umutwe wa IV: Uyu mutwe uvuga ku bijyanye n'imirungire y'ifaranga. Ugizwe n'ibyiciro bitatu bivuga ku imirungire y'ifaranga ry'u Rwanda; imirungire y'amadovize; no ku bikorwa ku isoko ry'amafaranga.	Chapter IV: This chapter relates to the currency management. It comprises 3 sections which respectively deal with the national currency management; the foreign reserves management; and the interventions on money market.	Chapitre IV : Ce chapitre traite de la gestion des devises. Il comprend 3 sections qui traitent respectivement de la gestion de la monnaie nationale ; de la gestion des réserves de change ; et des interventions sur le marché monétaire

Umutwe wa V: Uyu mutwe uvuga ku bijyanye n'imikoranire ya BNR n'ibindi bigo. Ugizwe n'ibyiciro 3 bivuga ku mikoranire ya BNR na Leta, inzego za Leta n'inzego mpuzamahanga; ku mikoranire ya BNR n'amabanki ndetse n'ibindi bigo by'imari byo mu Rwanda; no ku ibanga mu bikorwa bya BNR. Umutwe wa VI: Uyu mutwe uvuga ku bijyanye n'ubusonerwe. Umutwe wa VII: Uyu mutwe uvuga ku bijyanye n'umutungo n'imari bya BNR. Umutwe wa VIII: Uyu mutwe uvuga ku bijyanye n'ingingo zisoza.	Chapter V: This chapter relates to relationship of NBR with other institutions. It comprises 3 sections which respectively deal with NBR relations with the Government, Public and international bodies; NBR relations with banks and other financial institutions in Rwanda; and confidentiality in NBR operations. Chapter VI: This chapter relates to exemption. Chapter VII: This chapter relates to property and finance of NBR. Chapter VIII: This chapter relates to final provisions.	Chapitre V : Ce chapitre traite des relations de la BNR avec d'autres institutions. Il comprend 3 sections qui traitent respectivement des rapports entre la BNR et le Gouvernement, et les organismes publics et internationaux ; des rapports entre la BNR et les banques et les autres institutions financières au Rwanda ; et du Secret dans les opérations de la BNR. Chapitre VI : Ce chapitre traite des exemptions. Chapitre VII : Ce chapitre traite des biens et des finances de la BNR. Chapitre VIII : Ce chapitre concerne les dispositions finales.
--	---	---

UMUSHINGA W'ITEGEKO N° RYO KU WA RIGENGA BANKI NKURU Y'U RWANDA <u>ISHAKIRO</u> <u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u> <u>Ingingo ya mbere:</u> icyo iri tegeko rigamije <u>Ingingo ya 2:</u> Isobanura <u>Ingingo ya 3:</u> Imari shingiro <u>Ingingo ya 4:</u> Ubuzimagatozi n'ubwisanzure <u>Ingingo ya 5:</u> icyicaro gikuru cya BNR, amashami yayo, abayihagararira n'intumwa zayo <u>UMUTWE WA II: INTEGO, INSHINGANO N'UBUBASHA</u> <u>Ingingo ya 6:</u> Intego <u>Ingingo ya 7:</u> Inshingano <u>Ingingo ya 8:</u> Kumenyekanisha ingamba	DRAFT LAW N° OF GOVERNING THE NATIONAL BANK OF RWANDA <u>TABLE OF CONTENTS</u> <u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u> <u>Article One:</u> Purpose of this Law <u>Article 2:</u> Interpretation <u>Article 3:</u> Capital <u>Article 4:</u> Legal personality and autonomy <u>Article 5:</u> Head Office, branches, correspondents and agents of the NBR <u>CHAPTER II: MISSION, RESPONSIBILITIES AND POWERS</u> <u>Article 6:</u> Mission <u>Article 7:</u> Responsibilities <u>Article 8:</u> Communication of monetary	PROJET DE LOI N° DU RÉGISSANT LA BANQUE NATIONALE DU RWANDA <u>TABLE DES MATIÈRES</u> <u>CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u> <u>Article premier :</u> Objet de la présente loi <u>Article 2 :</u> Interprétation <u>Article 3 :</u> Capital <u>Article 4 :</u> Personnalité juridique et autonomie <u>Article 5 :</u> Siège, succursales, correspondants et agents de la BNR <u>CHAPITRE II : MISSION, ATTRIBUTIONS ET POUVOIRS</u> <u>Article 6 :</u> Mission <u>Article 7 :</u> Attributions <u>Article 8 :</u> Communication des stratégies
--	--	--

zerekeye ukudahungabana kw'ifaranga n'ukutajegajega k'urwego rw'imari	and financial stability strategies	de stabilité monétaire et financière
<u>Ingingo ya 9:</u> Ububasha	<u>Article 9:</u> Powers	<u>Article 9 :</u> Pouvoirs
<u>Ingingo ya 10:</u> Ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi	<u>Article 10:</u> Administrative sanctions	<u>Article 10 :</u> Sanctions administratives
<u>Ingingo ya 11:</u> Itangazwa n'iyubahirizwa ry'amabwiriza, amabwiriza yihariye n'ibyemezo	<u>Article 11:</u> Publication and binding force of the NBR regulations, directives and decisions	<u>Article 11 :</u> Publication et caractère contraignant des règlements, des directives et des décisions
<u>UMUTWE WA III:</u> IMITUNGANYIRIZE	<u>CHAPTER III:</u> ORGANISATION	<u>CHAPITRE III :</u> ORGANISATION
<u>Iciviro cya mbere:</u> Inzego z'ubuyobozi	<u>Section One:</u> Governing organs	<u>Section première :</u> Organes de direction
<u>Akiciro ka mbere:</u> Inama y'Ubuyobozi	<u>Sub-Section One:</u> Board of Directors	<u>Sous-section première :</u> Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 12:</u> Abagize Inama y'Ubuyobozi, ishyirwaho na manda byabo	<u>Article 12:</u> Composition of the Board of Directors, appointment and term of office for its members	<u>Article 12 :</u> Composition du Conseil d'Administration, nomination et durée du mandat de ses membres
<u>Ingingo ya 13:</u> Ibisabwa kugira ngo ube ugize Inama y'Ubuyobozi	<u>Article 13:</u> Requirements for being a member of the Board of Directors	<u>Article 13 :</u> Exigences pour être membre du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 14:</u> Inshingano z'Inama y'Ubuyobozi	<u>Article 14:</u> Responsibilities of the Board of Directors	<u>Article 14 :</u> Attributions du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 15:</u> Inshingano z'Umuyobozi w'Inama y'Ubuyobozi	<u>Article 15:</u> Responsibilities of the Chairperson of the Board of Directors	<u>Article 15 :</u> Attributions du Président du Conseil d'Administration

<u>Ingingo ya 16:</u> Inshingano z’ Umuyobozi Wungirije w’Inama y’Ubuyobozi	<u>Article 16:</u> Responsibilities of the Deputy Chairperson of the Board of Directors	<u>Article 16</u> : Attributions du Vice-Président du Conseil d’Administration
<u>Ingingo ya 17:</u> Ibitabangikanywa no kuba mu Nama y’Ubuyobozi	<u>Article 17:</u> Incompatibilities with membership of the Board of Directors	<u>Article 17</u> : Incompatibilités avec qualité de membre du Conseil d’Administration
<u>Ingingo ya 18:</u> Itumizwa n’iterana by’inama y’Inama y’Ubuyobozi	<u>Article 18:</u> Convening and holding a meeting of the Board of Directors	<u>Article 18</u> : Convocation et tenue de la réunion du Conseil d’Administration
<u>Ingingo ya 19:</u> Ifatwa ry’ibyemezo n’inayandikomvugo by’inama y’Inama y’Ubuyobozi	<u>Article 19:</u> Decision making and minutes of the meeting of the Board of Directors	<u>Article 19</u> : Prise de décisions et procès-verbaux de la réunion du Conseil d’Administration
<u>Ingingo ya 20:</u> Insimburamubyizi y’abagize Inama y’Ubuyobozi bitabiriye inama	<u>Article 20:</u> Sitting allowances of members of the Board of Directors	<u>Article 20</u> : Jetons de présence des membres du Conseil d’Administration
<u>Ingingo ya 21:</u> Impamvu zituma ugize Inama y’Ubuyobozi avanwa muri uwo mwanya n’uko asimburwa	<u>Article 21:</u> Reasons for loss of membership of the Board of Directors and modalities for replacement	<u>Article 21</u> : Causes de perte de la qualité de membre du Conseil d’Administration et modalités de remplacement
<u>Ingingo ya 22:</u> Komite ishinzwe ubugenzuzi n’abayigize	<u>Article 22:</u> Audit Committee and its composition	<u>Article 22</u> : Comité d’audit et sa composition
<u>Akiciro ka 2:</u> Ubuyobozi	<u>Sub-section 2:</u> Management	<u>Sous-section 2</u> : Direction
<u>Ingingo ya 23:</u> Abagize ubuyobozi, ishyingirwaho n’ivanwa mu mirimo byabo	<u>Article 23:</u> Composition of the Management, appointment and dismissal of its members	<u>Article 23</u> : Composition de la Direction, nomination et révocation de ses membres
<u>Ingingo ya 24:</u> Inshingano za Guverineri	<u>Article 24:</u> Duties of the Governor	<u>Article 24</u> : Attributions du Gouverneur
<u>Ingingo ya 25:</u> Inshingano za Guverineri	<u>Article 25:</u> Duties of the Deputy Governor	<u>Article 25</u> : Attributions du Gouverneur

Wungirije <u>Ingingo ya 26:</u> Ibitabangikanywa n'imirimo ya Guverineri n'iya Guverineri Wungirije <u>Ingingo ya 27:</u> Amasezerano y'imyenda Guverineri na Guverineri Wungirije badashyiraho umukono <u>Ingingo ya 28:</u> Impamvu zituma Guverineri cyangwa Guverineri Wungirije bava ku mirimo <u>Iciviro cya 2:</u> Komite zihariye <u>Akicro ka mbere:</u> Komite ishinzwe Politiki y'ifaranga <u>Ingingo ya 29:</u> Abagize Komite ishinzwe Politiki y'ifaranga, ishyirwaho na manda byabo <u>Ingingo ya 30:</u> Inshingano za Komite ishinzwe Politiki y'ifaranga <u>Ingingo ya 31:</u> Inama ya Komite ishinzwe Politiki y'ifaranga n'uko ibyemezo byayo bifatwa <u>Akicro ka 2:</u> Komite ishinzwe ukutajegajega k'Urwego rw'imari	<u>Article 26:</u> Incompatibilities with the duties of the Governor and Deputy Governor <u>Article 27:</u> Debt agreements that the Governor and the Deputy Governor are not allowed to sign <u>Article 28:</u> Grounds for termination of office of the Governor or Deputy Governor <u>Section 2:</u> Special committees <u>Sub-section One:</u> Monetary Policy Committee <u>Article 29:</u> Composition of the Monetary Policy Committee, appointment and term of office of its members <u>Article 30:</u> Responsibilities of Monetary Policy Committee <u>Article 31:</u> Meeting of the Monetary Policy Committee and modalities for decision-making <u>Sub-section 2:</u> Financial Stability Committee	Adjoint <u>Article 26 :</u> Incompatibilités avec les fonctions de Gouverneur et de Gouverneur Adjoint <u>Article 27 :</u> Accords de refinancement que le Gouverneur et le Gouverneur Adjoint ne sont pas autorisés à signer <u>Article 28 :</u> Motifs de cessation de fonctions du Gouverneur ou du Gouverneur Adjoint <u>Section 2 :</u> Comités spéciaux <u>Sous-section première :</u> Comité de Politique monétaire <u>Article 29 :</u> Composition du Comité de Politique monétaire, nomination et durée du mandat de ses membres <u>Article 30 :</u> Attributions du Comité de Politique monétaire <u>Article 31 :</u> Réunion du Comité de Politique monétaire et modalités de prise de décision <u>Sous-section 2 :</u> Comité de Stabilité financière
--	---	---

<u>Ingingo ya 32:</u> Abagize Komite ishinzwe ukutajegajega k'Urwego rw'imari, ishyirwaho na manda byabo	<u>Article 32:</u> Composition of the Financial Stability Committee, appointment and term of office of its members	<u>Article 32 :</u> Composition du Comité de Stabilité financière, nomination et durée du mandat de ses membres
<u>Ingingo ya 33:</u> Inshingano za Komite ishinzwe ukutajegajega k'Urwego rw'imari	<u>Article 33:</u> Responsibilities of the Financial Stability Committee	<u>Article 33 :</u> Attributions du Comité de Stabilité financière
<u>Ingingo ya 34:</u> Inama ya Komite ishinzwe ukutajegajega k'Urwego rw'imari n'uko ibyemezo bifatwa	<u>Article 34:</u> Meeting of the Financial Stability Committee and modalities for decisions-making	<u>Article 34 :</u> Réunion du Comité de Stabilité financière et modalités de prise des décisions
<u>Ingingo ya 35:</u> Itangazwa ry'iby'ingenzi bya politiki y'ifaranga	<u>Article 35:</u> Communication of the gist of the monetary policy	<u>Article 35 :</u> Communication de l'essentiel de la politique monétaire
<u>UMUTWE WA IV:</u> IMICUNGIRE Y'IFARANGA	<u>CHAPTER IV:</u> CURRENCY MANAGEMENT	<u>CHAPITRE IV :</u> GESTION DE LA MONNAIE
<u>Icyiciro cya mbere:</u> Imicungire y'ifaranga ry'u Rwanda	<u>Section One:</u> National currency management	<u>Section première :</u> Gestion de la monnaie nationale
<u>Ingingo ya 36:</u> Amafaranga yemewe mu kwishyurana muri Repubulika y'u Rwanda	<u>Article 36:</u> Currency acceptable as legal tender in the Republic of Rwanda	<u>Article 36 :</u> Monnaie ayant cours légal en République du Rwanda
<u>Ingingo ya 37:</u> Agaciro k'ifaranga	<u>Article 37:</u> Value of the franc	<u>Article 37 :</u> Valeur du franc
<u>Ingingo ya 38:</u> Uburenganzira bwo gucunga ifaranga	<u>Article 38:</u> Privilege to manage franc	<u>Article 38 :</u> Privilège de gérer le franc
<u>Ingingo ya 39:</u> Umubare ntarengwa mu guhererekanya inoti n'ibiceri	<u>Article 39:</u> Limitation in banknotes and coins exchange	<u>Article 39 :</u> Limitation de l'échange des billets et des pièces

<u>Ingingo ya 40:</u> Ihindurwa ry’amafaranga n’uko ritangazwa	<u>Article 40:</u> Demonetisation of currency and modalities of its publication	<u>Article 40 :</u> Démonétisation de monnaie et modalités de sa publication
<u>Icyiciro cya 2:</u> Imicungire y’amadovize	<u>Section 2:</u> Foreign reserves management	<u>Section 2 :</u> Gestion des réserves de change
<u>Ingingo ya 41:</u> Ibikorwa byemewe	<u>Article 41:</u> Authorised transactions	<u>Article 41 :</u> Transactions autorisées
<u>Ingingo ya 42:</u> Imitunganyirize y’isoko ry’ivunjisha	<u>Article 42:</u> Foreign exchange market organisation	<u>Article 42 :</u> Organisation du marché des changes
<u>Ingingo ya 43:</u> Imicungire y’ingaruka z’imihindagurikire y’agaciro k’ifaranga	<u>Article 43:</u> Management of exchange rate fluctuations	<u>Article 43 :</u> Gestion des fluctuations des taux de change
<u>Icyiciro cya 3:</u> Ibikorwa ku isoko ry’amafaranga	<u>Section 3:</u> Interventions on money market	<u>Section 3 :</u> Interventions sur le marché monétaire
<u>Ingingo ya 44:</u> Imitunganyirize y’isoko ry’amafaranga	<u>Article 44:</u> Organisation of money market	<u>Article 44 :</u> Organisation du marché monétaire
<u>Ingingo ya 45:</u> Ibikorwa bya BNR ku isoko ry’amafaranga	<u>Article 45:</u> Interventions of the NBR on money market	<u>Article 45 :</u> Interventions de la BNR sur le marché monétaire
<u>UMUTWE WA V:</u> IMIKORANIRE YA BNR N’IBINDI BIGO	<u>CHAPTER V:</u> RELATIONSHIP OF THE NBR WITH OTHER INSTITUTIONS	<u>CHAPITRE V :</u> RELATIONS DE LA BNR AVEC D’AUTRES INSTITUTIONS
<u>Icyiciro cya mbere:</u> Imikoranire na Leta, inzego za Leta n’inzego mpuzamahanga	<u>Section One:</u> Relations with the Government, public and international bodies	<u>Section première :</u> Rapports avec le Gouvernement, les organismes publics et internationaux
<u>Ingingo ya 46:</u> Imicungire ya Konti za Leta	<u>Article 46:</u> Management of State accounts	<u>Article 46 :</u> Gestion des comptes de l’État

<u>Ingingo</u> va 47: Inyandiko nyemezamwenda za Leta z'imbere mu Gihugu	<u>Article 47:</u> Domestic government debt securities	<u>Article 47 :</u> Titres de créance publique intérieure
<u>Ingingo</u> va 48: Inguzanyo zihabwa Leta	<u>Article 48:</u> Loans to the State	<u>Article 48 :</u> Prêts à l'État
<u>Ingingo</u> va 49: Imicungire ya konti zisanzwe z'izindi nzego	<u>Article 49:</u> Management of current accounts of other institutions	<u>Article 49 :</u> Gestion des comptes courants d'autres institutions
<u>Ingingo</u> va 50: Uruhare rwa BNR mu mikoranire ya Leta n'imiryango mpuzamahanga y'imari	<u>Article 50:</u> Role of the NBR in relations between the State and international financial organisations	<u>Article 50 :</u> Rôle de la BNR dans les relations entre l'État et les organisations financières internationales
<u>Ingingo</u> va 51: Amasezerano y'ubufatanye BNR igirana n'inzego zo mu mahanga bihuje inshingano	<u>Article 51:</u> Cooperation agreements between the NBR and foreign institutions with similar mission	<u>Article 51 :</u> Accords de coopération entre la BNR et les institutions étrangères ayant une mission similaire
<u>Icyiciro</u> cya 2: Imikoranire ya BNR n'amabanki n'ibindi bigo by'imari byo mu Rwanda	<u>Section 2:</u> Relations of the NBR with banks and other financial institutions in Rwanda	<u>Section 2 :</u> Rapports entre la BNR et les banques et les autres institutions financières au Rwanda
<u>Ingingo</u> va 52: Imicungire ya konti z'andi mabanki n'ibigo by'imari	<u>Article 52:</u> Management of accounts of other banks and other financial institutions	<u>Article 52 :</u> Gestion des comptes d'autres banques et d'autres institutions financières
<u>Ingingo</u> va 53: Ihwanyabwishyu	<u>Article 53:</u> Clearing	<u>Article 53 :</u> Compensation
<u>Ingingo</u> va 54: Amafaranga atagibwa muni	<u>Article 54:</u> Required reserves	<u>Article 54 :</u> Réserves obligatoires
<u>Ingingo</u> va 55: Itangwa ry'inguzanyo	<u>Article 55:</u> Granting of loans	<u>Article 55 :</u> Octroi de prêts

<u>Iciviro cya 3: Ibanga mu bikorwa bya BNR</u>	<u>Section 3: Confidentiality in the NBR operations</u>	<u>Section 3 : Secret dans les opérations de la BNR</u>
<u>Ingingo ya 56: Kugira ibanga</u>	<u>Article 56: Duty of confidentiality</u>	<u>Article 56 : Obligation au secret</u>
<u>Ingingo ya 57: Ihererekanya ry'amakuru y'ibanga</u>	<u>Article 57: Exchange of confidential information</u>	<u>Article 57 : Échange d'informations confidentielles</u>
<u>UMUTWE WA VI: UBUSONERWE</u>	<u>CHAPTER VI: EXEMPTION</u>	<u>CHAPITRE VI : EXONÉRATION</u>
<u>Ingingo ya 58: Gusonera imisoro BNR</u>	<u>Article 58: Tax exemption applicable to the NBR</u>	<u>Article 58 : Exonération fiscale applicable à la BNR</u>
<u>Ingingo ya 59: Gusonerwa ingwate n'amagarama y'urukiko</u>	<u>Article 59: Exemption from security and court fees</u>	<u>Article 59 : Exonération de caution et des frais de justice</u>
<u>Ingingo ya 60: Umutekano w'umutungo wa BNR</u>	<u>Article 60: Security of the NBR property</u>	<u>Article 60 : Sécurité des biens de la BNR</u>
<u>UMUTWE WA VII: UMUTUNGO N'IMARI</u>	<u>CHAPTER VII: PROPERTY AND FINANCE</u>	<u>CHAPITRE VII : PATRIMOINE ET FINANCES</u>
<u>Ingingo ya 61: Agaciro ntarengwa mu byerekeye ishoramari rya BNR</u>	<u>Article 61: Restrictions on the NBR investments</u>	<u>Article 61 : Limitations aux investissements de la BNR</u>
<u>Ingingo ya 62: Umwaka w'ingengo y'imari, iyemezwa n'itangazwa by'imiterere ya konti</u>	<u>Article 62: Financial year, approval and publication of the status of accounts</u>	<u>Article 62 : Exercice financier, approbation et publication des comptes</u>
<u>Ingingo ya 63: Ubugenzuzi bwite</u>	<u>Article 63: Internal Audit</u>	<u>Article 63 : Audit interne</u>
<u>Ingingo ya 64: Ubugenzuzi bwigenga</u>	<u>Article 64: External Audit</u>	<u>Article 64 : Audit externe</u>

<u>Ingingo ya 65:</u> Itangazwa rya raporo y'imari	<u>Article 65:</u> Publication of financial statements	<u>Article 65</u> : Publication des états financiers
<u>Ingingo ya 66:</u> Raporo y'ibyakozwe mu mwaka w'ingengo y'imari	<u>Article 66:</u> Annual activity report	<u>Article 66</u> : Rapport annuel d'activités
<u>Ingingo ya 67:</u> Iyishyurwa ry'igihombo	<u>Article 67:</u> Amortisation of the loss	<u>Article 67</u> : Amortissement des pertes
<u>Ingingo ya 68:</u> Inyungu zisaranganywa	<u>Article 68:</u> Distributable profit	<u>Article 68</u> : Bénéfice distribuable
<u>Ingingo ya 69:</u> Itangazwa ry'ibitabo by'imibare y'ibarura n'inyigo ku byerekeye ubukungu n'imari	<u>Article 69:</u> Publication of statistical data reports and economic and financial studies	<u>Article 69</u> : Publication des bulletins de données statistiques et des études économiques et financières
<u>UMUTWE WA VIII:</u> INGINGO ZISOZA	<u>CHAPTER VIII:</u> FINAL PROVISIONS	<u>CHAPITRE VIII</u> : DISPOSITIONS FINALES
<u>Ingingo ya 70:</u> Igihe ntarengwa cyo kujuririra icyemezo cya BNR	<u>Article 70:</u> Time limit for appeal against decision of the NBR	<u>Article 70</u> : Délai de recours contre une décision de la BNR
<u>Ingingo ya 71:</u> Abagize Inama y'Ubuyobozi igihe iri tegeko ritangiriye gukurikizwa	<u>Article 71:</u> Members of the Board of Directors serving at the time of entry into force of this Law	<u>Article 71</u> : Membres du Conseil d'Administration en service au temps d'entrée en vigueur de la présente loi
<u>Ingingo ya 72:</u> Ingingo izigama ikanavanaho	<u>Article 72:</u> Saving and repealing provision	<u>Article 72</u> : Disposition de sauvegarde et abrogatoire
<u>Ingingo ya 73:</u> Ingingo y'ururimi	<u>Article 73:</u> Language provision	<u>Article 73</u> : Disposition linguistique
<u>Ingingo ya 74:</u> Gutangira gukurikizwa	<u>Article 74:</u> Entry into force	<u>Article 74</u> : Entrée en vigueur

UMUSHINGA W'ITEGEKO N° RYO KU WA RIGENGA BANKI NKURU Y'U RWANDA Twebwe, KAGAME Paul, Perezida wa Repubulika; INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA INTEKO ISHINGA AMATEGEKO: Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa; Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 64; Isubiye ku Itegeko n° 48/2017 ryo ku wa 23/09/2017 rigenga Banki Nkuru y'u Rwanda; YEMEJE:	DRAFT LAW N° OF GOVERNING THE NATIONAL BANK OF RWANDA We, KAGAME Paul, President of the Republic; THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA THE PARLIAMENT: The Chamber of Deputies, in its sitting of; Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda, especially in Article 64; Having reviewed Law n° 48/2017 of 23/09/2017 governing the National Bank of Rwanda; ADOPTS:	PROJET DE LOI N° DU RÉGISSANT LA BANQUE NATIONALE DU RWANDA Nous, KAGAME Paul, Président de la République ; LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA LE PARLEMENT : La Chambre des Députés, en sa séance du ; Vu la Constitution de la République du Rwanda, spécialement en son article 64 ; Revu la Loi n° 48/2017 du 23/09/2017 régissant la Banque Nationale du Rwanda ; ADOpte :
--	---	---

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE	CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS	CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES
<u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri tegeko rigamije	<u>Article One:</u> Purpose of this Law	<u>Article premier :</u> Objet de la présente loi
Iri tegeko rigenga Banki Nkuru y'u Rwanda, «BNR» mu magambo ahinnye y'ururimi rw'Ikinyarwanda n'urw'Igifaransa cyangwa «NBR» mu magambo ahinnye y'ururimi rw'Icyongereza. Iri tegeko rigenga kandi inshingano, imitunganyirize n'imikorere byayo.	This Law governs the National Bank of Rwanda, abbreviated as “BNR” in Ikinyarwanda and French, or as “NBR” in English. It also determines its mission, organisation and functioning.	La présente loi porte régit la Banque Nationale du Rwanda, « BNR » en abrégé en Ikinyarwanda et en français ou « NBR » en Anglais. Elle détermine également sa mission, son organisation et son fonctionnement.
<u>Ingingo ya 2:</u> Isobanura	<u>Article 2:</u> Interpretation	<u>Article 2 :</u> Interprétation
Muri iri tegeko –	In this Law –	Dans la présente loi –
(a) « Guverineri Wungirije » bivuga Guverineri Wungirije wa BNR;	(a) “ Deputy Governor ” means Deputy Governor of the NBR;	(a) « Gouverneur Adjoint » signifie Gouverneur Adjoint de la BNR ;
(b) « amabwiriza yihariye » bivuga ibisabwa gukorwa cyangwa kudakorwa mu buryo runaka bikaba bigenewe umuntu ku giti cye cyangwa umuryango ufite ubuzimagatozi;	(b) “ directives ” means orders or prohibitions of acting in a certain manner designed for an individual or legal entity;	(b) « directives » signifie ordres ou interdictions d’agir d’une certaine manière adressée à une personne physique ou morale ;
(c) « politiki rusange » bivuga politiki z’imiyoborere uretse politiki y’ifaranga;	(c) “ general policy ” means administrative policies excluding the monetary policy;	(c) « politique générale » signifie les politiques administratives à l’exclusion de la politique monétaire;

(d) « ikigo cy'imari » kirimo – (i) Banki; (ii) ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa; (iii) ikigo kiguriza kitakira amafaranga ya rubanda; (iv) ikigo cy'ubwishingizi; (v) ikigo cy'ubwiteganyirize bw'abakozi; (vi) ikigega cy'ubwiteganyirize bwa pansiyi butegewe n'ubw'ubushake; (vii) n'ikindi kigo cy'imari kitagenzurwa n'ikindi kigo hashingiwe ku itegeko ryihariye; (e) « Guverineri » bivuga Guverineri wa BNR; (f) « imirongo ndengerwaho » bivuga amabwiriza atanga icyerekezo	(d) “financial institution” includes – (i) a bank; (ii) a deposit-taking microfinance institution; (iii) a non-deposit-taking lending institution; (iv) an insurance institution; (v) a social security institution; (vi) a mandatory or voluntary pension scheme; and (vii) another financial institution that is not supervised by another institution under a specific law; (e) “Governor” means Governor of the NBR; (f) “Guidelines” means official guidance issued by the NBR;	(d) « institution financière » comprend– (i) une banque ; (ii) une institution de microfinance de dépôt ; (iii) une institution financière de crédit qui ne reçoit pas les fonds du public ; (iv) une institution d'assurance ; (v) un organisme de sécurité sociale ; (vi) un régime de pension obligatoire ou volontaire ; et (vii) une autre institution financière qui n'est supervisé par une autre institution en vertu d'une loi spécifique ; (e) « Gouverneur » signifie Gouverneur de la BNR ; (f) « lignes directives » signifie les directives officielles émises par la
--	---	--

ashyirwaho na BNR; (g) « ugize Inama y’Ubuyobozi utari nshingwabikorwa » bivuga ugize Inama y’Ubuyobozi ya BNR uretse Guverineri na Guverineri Wungirije; (h) « amabwiriza » bivuga inyangirwaho na BNR igamije gusobanura kurushaho ibigomba kubahirizwa, mu gushyira mu bikorwa ibikubiye muri iri tegeko cyangwa irindi tegeko; (i) « amafaranga y’ingoboka » bivuga umutungo w’amafaranga ubikiwe kuzakoresheka mu gihe kizaza mu rwego rwo kurengera ibikorwa byabura ingengo y’imari kandi byihutirwa ndetse ukaba igisubizo ku biciro bitunguranye, ukanafatwa nk’umutungo w’inyongera mu bihe bisanzwe; (j) « utanga serivisi mu bwizerane no mu masosiyete y’ubucuruzi » hakubiyemo umuntu – (i) ukora nk’umukozi ufasha abandi gushyira ibigo bifite ubuzimagatozi;	(g) “non-executive board member” means a board member of the NBR other than the Governor and Deputy Governor; (h) “regulation” means a normative act issued by the NBR to specify modalities of application of provisions of this Law or other law; (i) “reserve funds” means any liquid assets set aside for future use to address budget shortfalls or meet unexpected costs, and which are ordinarily regarded as additional assets; (j) “trust and company service provider” means a person who – (i) acts as a formation agent of legal persons;	BNR ; (g) « membre non-exécutif du conseil d’administration » signifie un membre du Conseil d’Administration de la BNR à l’exception du Gouverneur et du Gouverneur Adjoint ; (h) « règlement » signifie un acte normatif émis par la BNR afin de préciser les modalités d’application des dispositions de la présente loi ou d’une autre loi ; (i) « fonds de réserve » signifie tout actif liquide mis à part pour une utilisation future afin de pallier un déficit budgétaire et de faire face à des coûts imprévus, et qui est normalement considéré comme un actif supplémentaire ; (j) « prestataire de services aux fiducies et sociétés commerciales » signifie une personne qui – (i) agit en tant qu’agent de constitution de personnes morales ;
---	--	--

(ii) ukora nk'umuyobozi cyangwa umunyamabanga w'isosiye y'ubucuruzi, umwe mu bagize ubufatanye cyangwa umwanya usa n'iyi mu bindi bigo bifite ubuzimagatozi, cyangwa gufasha undi muntu gukora nka bo; (iii) ushakira isosiye y'ubucuruzi, ubufatanye cyangwa ikindi kigo gifite ubuzimagatozi cyangwa umuryango ushingiyeye ku masezerano, ibiro byanditse, aderesi y'ubucuruzi, aho gukorera, ah'inzandiko cyangwa aderesi y'ubuyobozi; (iv) ukora nk'ucunga iby'abandi w'umwuga mu kigega cy'ubwizerane kizwi cyangwa ukora umurimo umeze nka wo mu wundi muryango ushingiyeye ku masezerano cyangwa ufasha undi muntu kubikora; (v) cyangwa ukora nk'umunyamigabane washyiriweho undi muntu cyangwa ufasha undi muntu	(ii) acts as, or arranges for another person to act as, a director or secretary of a company, a partner of a partnership, or a similar position in relation to other legal persons; (iii) provides a registered office, business address, correspondence or administrative address for a company, a partnership or other legal person or arrangement; (iv) acts as, or arranging for another person to act as, a trustee of an express trust or, performs the equivalent function for another form of legal arrangement; or (v) acts as, or arranges for another person to act, as a nominee shareholder for another person.	(ii) agit en qualité de, ou prend des mesures afin qu'une autre personne agisse en qualité de, directeur ou de secrétaire d'une société commerciale, d'associé d'une société de personnes ou une fonction similaire à l'égard d'autres personnes morales ; (iii) fournit un siège social, une adresse commerciale ou des locaux, une adresse de correspondance ou administrative à une société commerciale, une société de personnes ou autre personne morale ou structure juridique ; (iv) agit en qualité de ou prendre des mesures afin qu'une autre personne agisse en qualité de fiduciaire dans une fiducie explicite ou, exerce une fonction équivalente pour un autre type de structure juridique; ou (v) agit en qualité de, ou prendre des mesures afin qu'une autre personne agit en qualité, d'actionnaire désigné pour une
---	--	---

gukora nka we. <u>Ingingo ya 3: Imari shingiro</u> (1) Imari shingiro ya BNR itangwa na Leta y'u Rwanda ni FRW 7.000.000.000, kandi ntatangwaho ingwate kandi ntishobora gufatirwa. (2) Imari shingiro ya BNR ishobora kongerwa n'amafaranga y'ingoboka, Inama y'Ubuyobozi imaze kubifataho icyemezo, bikemezwa n'Iteka rya Perezida cyangwa ikongerwa n'amafaranga yongeye gutangwa na Leta y'u Rwanda.	<u>Article 3: Capital</u> (1) The capital of the NBR, which is fully subscribed by the Government of Rwanda, amounts to FRW 7,000,000,000 and is not subject to lien or to encumbrance. (2) The capital of the NBR may be increased either by capitalisation of reserve funds, on the decision of the Board of Directors and upon approval by a Presidential Order, or by new capital contributions from the Government of Rwanda.	autre personne. <u>Article 3 : Capital</u> (1) Le capital de la BNR, entièrement souscrit par le Gouvernement du Rwanda, est de 7.000.000.000 FRW et n'est pas sujet à aucun privilège ni à aucune charge. (2) Le capital de la BNR peut être augmenté, soit par incorporation des fonds de réserves, sur décision du Conseil d'Administration et approuvée par un arrêté présidentiel, soit par une nouvelle dotation du Gouvernement du Rwanda.
<u>Ingingo ya 4: Ubuzimagatozi n'ubwisanzure</u> (1) BNR ifite ubuzimagatozi n'ubwisanzure mu byerekeye imiyoborere, n'imirungire n'imari. (2) BNR, abakozi bayo, intumwa zayo n'abagize inzego zifata ibyemezo ntibagengwa n'amabwiriza y'umuntu uwo ari we wese cyangwa urwego urwo ari rwo rwose mu gihe bakoresha ububasha bwabo cyangwa buzuza inshingano zabo.	<u>Article 4: Legal personality and autonomy</u> (1) The NBR has legal personality and enjoys administrative and financial autonomy. (2) The NBR, its staff, agents, and members of the decision-making bodies are not subject to any external interference by any person or institution in the exercise of their powers or in performance of their responsibilities.	<u>Article 4 : Personnalité juridique et autonomie</u> (1) La BNR est dotée de la personnalité juridique ainsi que de l'autonomie administrative et financière. (2) La BNR, son personnel, ses agents et les membres des organes décisionnels ne sont soumis à la directive d'aucune personne ou institution dans l'exercice de leurs pouvoirs ou dans l'accomplissement de leurs

(3) BNR ntiyandikwa mu gitabo cy'amasosiyete kandi ntirebwa n'amabwiriza agenga ibaruramari rya Leta. Icyakora, BNR ikurikiza amategeko asanzwe y'ibaruramari ry'ubucuruzi kandi mu mirimo yayo y'ubucuruzi igirana n'abandi igengwa n'amategeko y'ubucuruzi mu gihe amabwiriza cyangwa amategeko bwite ayigenga atanyuranya na yo.	(3) The NBR is neither subject to commercial registration, nor to regulations that govern public accounting. However, the NBR is subject to ordinary rules of commercial accounting and in its commercial relations with third parties, it is governed by the provisions of commercial legislation if its regulations or special provisions governing it do not provide otherwise.	attributions. (3) La BNR n'est soumise ni à l'enregistrement au registre de commerce, ni aux règlements régissant la comptabilité publique. Toutefois, la BNR est soumise aux règles ordinaires de la comptabilité commerciale et dans ses relations de commerce avec les tiers, elle est régie par les dispositions de la législation commerciale, à moins que ses règlements ou dispositions spéciales ne prévoient le contraire.
<u>Ingingo ya 5: Icyicaro gikuru cya BNR, amashami yayo, abayihagararira n'intumwa zayo</u>	<u>Article 5: Head Office, branches, correspondents and agents of the NBR</u>	<u>Article 5 : Siège, succursales, correspondants et agents de la BNR</u>
(1) Icyicaro gikuru cya BNR giherereye mu Muji wa Kigali. Gishobora kwimurirwa ahandi aho ari ho hose mu Rwanda igihe bibaye ngombwa, byemejwe n'iteka rya Minisitiri w'Intebe. (2) BNR ishobora gushinga ishambi ryayo aho ari ho hose mu gihugu, byemejwe n'Inama y'Ubuyobozi. (3) BNR ishobora kugena ikigo cy'imari gikora nk'intumwa yayo mu	(1) The Head Office of the NBR is located in the City of Kigali. It may be relocated elsewhere on the territory of Rwanda if considered necessary, upon approval by an order of the Prime Minister. (2) The NBR may establish its branch in any location of the national territory upon approval by the Board of Directors. (3) The NBR may designate a financial institution to act as its agent in	(1) Le siège de la BNR est situé dans la Ville de Kigali. Il peut être transféré en tout autre lieu du territoire du Rwanda en cas de nécessité, après approbation par arrêté du Premier Ministre. (2) La BNR peut établir une succursale dans toute localité du territoire national sur approbation du Conseil d'Administration. (3) La BNR peut désigner une institution financière pour agir en

Rwanda cyangwa mu mahanga cyangwa nk'uyihagararira mu mahanga. UMUTWE WA II: INTEGO, INSHINGANO N'UBUBASHA <u>Ingingo ya 6: Intego</u> Intego ya BNR ni ukubungabunga agaciro k'ifaranga no kubaka urwego rw'imari rutajegajega, bityo bigatuma habaho iterambere rirambye kandi ridaheza. <u>Ingingo ya 7: Inshingano</u> BNR ifite inshingano zikurikira: (a) kugena no gushyira mu bikorwa politiki y'ifaranga; (b) gutunganya, gushyiraho amabwiriza no kugenzura isoko ry'ivunjisha; (c) gushyiriraho amabwiriza no kugenzura ibigo by'imari n'ibigo bitanga serivisi z'imari bitagenzurwa n'ikindi kigo hashingiwe ku mategeko yihariye; (d) gushyiraho amabwiriza yerekeye abatanga serivisi mu bwizerane no	Rwanda or abroad or as a correspondent abroad. CHAPTER II: MISSION, RESPONSIBILITIES AND POWERS <u>Article 6: Mission</u> The mission of the NBR is to ensure price stability and a sound financial system, thereby enabling sustainable and inclusive growth. <u>Article 7: Responsibilities</u> The NBR has the following responsibilities: (a) to define and implement the monetary policy; (b) to organise, regulate and supervise foreign exchange market; (c) to regulate and supervise financial institutions and other financial service providers that are not subject to supervision of another institution under specific laws; (d) to regulate and supervise trusts and company service providers;	qualité de son agent au Rwanda ou à l'étranger, ou comme correspondant à l'étranger. CHAPITRE II : MISSION, ATTRIBUTIONS ET POUVOIRS <u>Article 6 : Mission</u> La mission de la BNR consiste à assurer la stabilité des prix et la solidité du système financier, permettant ainsi à la croissance durable et inclusive. <u>Article 7 : Attributions</u> La BNR a les attributions suivantes : (a) définir et mettre en œuvre la politique monétaire ; (b) organiser, réglementer et superviser le marché des changes ; (c) réglementer et superviser des institutions financières et ses autres prestataires de service financier qui ne sont pas supervisés par une aucune autre institution en vertu des lois spécifiques ; (d) réglementer et superviser des prestataires de services aux fiducies
---	--	---

mu masosiyete y'ubucuruzi no kubagenzura; (e) gushyiraho amabwiriza yerekeye uburyo bwo kwishyurana, kubagenzura no kubukurikirana; (f) gusesengura ukutajegajega k'urwego rw'imari hagamijwe gushyigikira izamuka n'iterambere by'ubukungu; (g) gutezura, gushyiraho no gushyira mu bikorwa politiki z'uburyo bw'ihwanyabwishyu n'uburyo bw'imyishyuranire bukora neza; (h) gucunga ifaranga; (i) kubika no gucunga amadovize y'Igihugu; (j) kuba Umubitsi wa Leta; (k) gukusanya, kwegeranya, gutangaza imibare y'ibarura yerekeye ifaranga n'imari; (l) gukurikirana no guteza imbere imikorere y'ibigo by'imari kugira ngo byubahirize amategeko abigenga;	(e) to regulate, supervise and oversee payment systems; (f) to conduct financial stability assessment for sustaining economic growth and development; (g) to develop, formulate and implement policies for efficient clearing and settlement of payment systems; (h) to manage currency; (i) to hold and manage official foreign exchange reserves; (j) to act as State Cashier; (k) to collect, compile, disseminate monetary and financial statistics; (l) to monitor and promote the soundness of financial institutions and ensure their compliance with relevant laws;	et sociétés commerciales ; (e) réglementer, superviser et surveiller les systèmes de paiement ; (f) réaliser des évaluations de la stabilité financière pour soutenir la croissance et le développement économiques ; (g) élaborer, formuler et mettre en œuvre des politiques pour des systèmes de compensation et de règlement des paiements efficaces ; (h) gérer la monnaie ; (i) détenir et gérer les réserves officielles de change ; (j) servir de Caissier de l'État ; (k) collecter, rassembler, disséminer les statistiques monétaires et financières ; (l) faire le suivi et promouvoir la solidité des institutions financières ainsi que leur conformité aux lois applicables ;
---	---	---

(m) gushyiraho politiki zirinda uburenganzira n'inyungu by'abakiliya, ababitsa n'abandi bafite inyungu iyo ari yo yose itari ukubitsa mu bigo by'imari hitabwa ku bikenewe n'ibigo by'imari kugira ngo ihiganwa rikorwe neza ku isoko no gukora ibishoboka byose birinda ibyateza ingorane zishobora kubaho;	(m) to establish policies safeguarding the rights and interests of customers, depositors and creditors of financial institutions, taking into account the need for financial institutions to compete effectively in the market and take reasonable action to avoid risks;	(m) mettre en place les politiques pour sauvegarder les droits et les intérêts des clients, déposants et créanciers des institutions financières, en tenant compte du besoin des institutions financières de concurrencer efficacement sur le marché et de prendre des mesures raisonnables pour éviter les risques ;
(n) gutanga, ibisabwe na Leta cyangwa ibyibwirije, ibitekerezo byayo ku miterere y'imari imbere mu gihugu ndetse ikagaragaza ingamba zikwiye. Ibitekerezo bya BNR ku miterere y'ifaranga, uburyo bwo guhabwa inguzanyo no ku bukungu muri rusange, bisabwe by'umwihariko mu gihe Leta ishaka gufata icyemezo cyerekeranye n'ifaranga cyangwa n'imari;	(n) to provide, at the request of the Government or on its own initiative, its opinion on the domestic financial situation of the country and propose appropriate measures. The opinion of the NBR on the status of currency, access on credit and the economy in general is particularly sought in the event the Government needs to take monetary or financial measures;	(n) fournir, à la demande du Gouvernement ou à sa propre initiative, son avis sur la situation financière intérieure du pays et suggère les mesures appropriées. L'avis de la BNR sur la situation de la monnaie, de l'accès au crédit et de l'économie en général, est particulièrement requis lorsque le Gouvernement envisage de prendre toute mesure d'ordre monétaire ou financier ;
(o) gufata ingamba zo gucunga no gukemura ibibazo byatera ihungabana ry'imari, keretse igihe izo nshingano zagenewe ikindi kigo by'umwihariko, hashingiwe ku mategeko yihariye;	(o) to undertake crisis management and resolution, unless that mandate is expressly assigned to another institution under specific laws;	(o) entreprendre la gestion et la résolution des crises, sauf si ce mandat est expressément attribué à une autre institution en vertu de lois spécifiques ;
(p) gukora indi nshingano ifitanye isano, cyangwa ikomoka ku mirimo	(p) to discharge any other responsibility related to or incidental to its functions	(p) exécuter toute autre attribution liée ou accessoire à ses fonctions en

yayo, iteganywa n'iri tegeko cyangwa ishobora guteganywa n'andi mategeko. <u>Ingingo ya 8: Kumenyekanisha ingamba zerekeye ukudahungabana kw'ifaranga n'ukutajegajega k'urwego rw'imari</u> Mu buryo bw'ingarukagihe, BNR itangariza rubanda ingamba zerekeye ukudahungabana kw'ifaranga n'ukutajegajega k'urwego rw'imari ndetse n'uburyo bwo kuzishyira mu bikorwa. <u>Ingingo ya 9: Ububasha</u> BNR ifite ububasha bukurikira: (a) gushyiraho amabwiriza, amabwiriza yihariye cyangwa imirongo ngenderwaho bijyanye n'ishyirwa mu bikorwa ry'inshingano zayo; (b) gutanga, guhagarika no gukuraho impushya cyangwa uburenganzira bujyanye n'inshingano za BNR; (c) gutanga ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi n'iby'amafaranga bijyanye n'inshingano za BNR; (d) gushyiraho amabwiriza agenga ibigo	under this Law, or as may be assigned by other laws. <u>Article 8: Communication of monetary and financial stability strategies</u> The NBR periodically communicates to the public, monetary and financial stability strategies and the mechanisms for their implementation. <u>Article 9: Powers</u> The NBR has the following powers: (a) to issue regulations, directives, or guidelines in relation to the performance of its responsibilities; (b) to grant, suspend, and revoke licenses or authorisations in relation to the performance of its functions; (c) to impose administrative and pecuniary sanctions in relation to the NBR responsibilities; (d) to establish regulations governing	vertu de la présente loi, ou qui peuvent être confiées par d'autres lois. <u>Article 8 : Communication des stratégies de stabilité monétaire et financière</u> La BNR communique périodiquement au public les stratégies de stabilité monétaire et financière ainsi que les mécanismes de leur mise en œuvre. <u>Article 9 : Pouvoirs</u> La BNR dispose des pouvoirs suivants : (a) émettre des règlements, des directives ou des lignes directrices concernant l'exercice de ses attributions ; (b) accorder, suspendre et révoquer les licences ou autorisations relatives aux attributions de la BNR ; (c) appliquer des sanctions administratives et pécuniaires en rapport avec les attributions de la BNR ; (d) établir des règlements régissant les
---	---	---

by'imari n'abatanga serivisi z'imari bari mu nshingano za BNR; (e) gushinga ikigo gifite ubuzimagatozi cyangwa kwegukana imigabane muri sosiyete y'imbere mu Gihugu cyangwa mpuzamahanga nk'uko Inama y'Ubuyobozi ishobora kubona ari ngombwa, hagamijwe guhanga ibishya mu rwego rw'imari, guhugura abakozi bayo cyangwa ibigo bigenzurwa ndetse n'imibereho myiza y'abakozi bayo; (f) gufata ibyemezo ku bibazo biri mu nshingano zayo nk'uko biteganywa n'iri tegeko n'andi mategeko yihariye. <u>Ingingo ya 10: Ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi</u> BNR igena ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi ku muntu cyangwa ikigo gifite ubuzimagatozi bitewe no kutubahiriza amabwiriza, amabwiriza yihariye n'ibyemezo byayo bifashwe hashingiwe kuri iri tegeko n'andi mategeko.	financial institutions and financial service providers under the NBR responsibilities; (e) to establish a legal entity or acquire shares in a domestic or international company, as the Board may consider necessary, for financial sector innovation, the training of its staff or regulated institutions as well as the welfare of its staff; (f) to take decisions on matters within its mandate as provided under this Law and other specific laws. <u>Article 10: Administrative sanctions</u> The NBR may determine administrative sanctions to an individual or entity for breach of its regulations, directives and decisions made under this Law and other laws.	institutions financières et les prestataires de services financiers relevant des attributions de la BNR ; (e) créer une entité juridique ou acquérir des actions dans une société de droit national ou international, tel que le Conseil d'Administration peut le juger nécessaire, pour l'innovation dans le secteur financier, la formation de son personnel ou des institutions réglementées ainsi que pour le bien-être de son personnel ; (f) prendre des décisions sur les questions relevant de son mandat tel que prévu par la présente loi et par d'autres lois spécifiques. <u>Article 10 : Sanctions administratives</u> La BNR détermine des sanctions administratives à l'encontre d'une personne physique ou morale, pour violation de ses règlements, de ses directives et de ses décisions prises en vertu de la présente loi et d'autres lois.
--	---	---

<u>Ingingo ya 11:</u> Itangazwa n'iyubahirizwa ry'amabwiriza, amabwiriza yihariye n'ibyemezo (1) Amabwiriza n'amabwiriza yihariye ya BNR bitangazwa hakurikijwe amategeko abigenga. (2) Amabwiriza n'amabwiriza yihariye n'ibyemezo bya BNR byubahirizwa n'abo bireba. Igihe havutse impaka, ntibihagarikwa hataraboneka urubanza rubigena gutyo ruciwe burundu n'urukiko rubifitiye ububasha. <u>UMUTWE WA III:</u> <u>IMITUNGANYIRIZE</u> <u>Icyiciro cya mbere:</u> Inzego z'ubuyobozi <u>Akiciro ka mbere:</u> Inama y'Ubuyobozi <u>Ingingo ya 12:</u> Abagize Inama y'Ubuyobozi, ishyirwaho na manda byabo (1) Inama y'Ubuyobozi igizwe n'abantu 11 bakurikira: (a) Guverineri;	<u>Article 11:</u> Publication and binding force of the NBR regulations, directives and decisions (1) The NBR regulations and directives are published in accordance with applicable laws. (2) The NBR regulations, directives and decisions are binding on all the concerned persons. In the event of a dispute, they are not suspended before the final judgment rendered by a competent court. <u>CHAPTER III:</u> ORGANISATION <u>Section One:</u> Governing organs <u>Sub-Section One:</u> Board of Directors <u>Article 12:</u> Composition of the Board of Directors, appointment and term of office for its members (1) The Board of Directors consists of the following 11 members: (a) the Governor;	<u>Article 11 :</u> Publication et caractère contraignant des règlements, des directives et des décisions (1) Les règlements et les directives de la BNR sont publiés conformément aux lois applicables. (2) Les règlements, les directives et les décisions de la BNR s'imposent à toutes les personnes concernées. En cas de litige, ils ne sont pas suspendus avant le jugement définitif d'un tribunal compétent. <u>CHAPITRE III :</u> ORGANISATION <u>Section première :</u> Organes de direction <u>Sous-section première :</u> Conseil d'Administration <u>Article 12 :</u> Composition du Conseil d'Administration, nomination et durée du mandat de ses membres (1) Le Conseil d'Administration est composé de 11 membres suivants : (a) le Gouverneur ;
---	--	--

(b) Guverineri Wungirije; (c) abandi icyenda bashyirwaho kandi bakavanwaho n'Iteka rya Perezida, batoranyijwe mu bantu bagaragaza ko bafite ubushobozi n'ubunararibonye mu byerekeranye n'ifaranga, imari, ubukungu, icungamari, imicungire y'ibyteza ingorane, amategeko, ikoranabuhanga mu itumanaho cyangwa mu zindi nzego zirebana n'imirimo ya BNR. (2) 30% by'abagize Inama y'Ubuyobozi bashobora kuba abakozi ba Leta hatarimo Guverineri, Visi-Guverineri n'umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi ukomoka mu rwego rw'amashuri makuru cyangwa mu bigo by'ubushakashatsi. (3) Guverineri na Guverineri Wungirije, uko bakurikirana, ni bo Muyobozi n'Umuyobozi Wungirije b'Inama y'Ubuyobozi, keretse iyo biteganywa ukundi n'urwego rubashyiraho. (4) Uretse Guverineri na Guverineri	(b) the Deputy Governor; (c) nine other members appointed and dismissed by a Presidential Order selected from among individual with proven competence and expertise in monetary, financial, economic, accounting, risk management, legal, information technology or other disciplines relevant to the functions of the NBR. (2) At most 30% of the members of the Board of Directors may be civil servants excluding the Governor, Deputy Governor and a board member from academia or research institutions. (3) The Governor and Deputy Governor serve as the Chairperson and Deputy Chairperson of the Board of Directors, respectively, unless otherwise provided otherwise by the appointing authority. (4) With the exception of the Governor	(b) le Gouverneur Adjoint ; (c) neuf autres membres nommés et révoqués par l'arrêté présidentiel, choisis parmi des personnes ayant une compétence et une expertise avérées dans les domaines monétaire, financier, économique, comptable, de gestion des risques, juridique, en technologies de l'information ou dans d'autres disciplines pertinentes pour les fonctions de la BNR. (2) Au maximum 30% des membres du Conseil d'Administration peuvent être des agents de l'État, à l'exclusion du Gouverneur, du Vice-Gouverneur et d'un membre issu du milieu universitaire ou des institutions de recherche. (3) Le Gouverneur et le Gouverneur adjoint sont respectivement Président et Vice-Président du Conseil d'Administration, sauf disposition contraire de l'autorité ayant effectué la nomination. (4) À l'exception du Gouverneur et du
---	--	---

Wungirije, abandi bagize Inama y'Ubuyobozi bashyirwaho mu gihe cy'imyaka ine, gishobora kongerwa inshuro imwe gusa. (5) Mu rwego rwo kugira ngo imirimo y'ubuyobozi bwa BNR ikomeze gukorwa, abagize Inama y'Ubuyobozi bashyirwaho mu bihe bitandukanye kugira ngo ibihe byabo bamara mu nshingano birangire mu bihe bitandukanye. <u>Ingingo ya 13: Ibisabwa kugira ngo ube ugize Inama y'Ubuyobozi</u> Ugize Inama y'Ubuyobozi agomba kuba – (a) ari inyangamugayo; (b) atarakatiwe igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu mu rubanza rwabaye ndakuka; (c) atarahamwe n'icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenocide n'ibyaha bifitanye isano na yo; (d) kandi atarahamwe n'icyaha cya	and Deputy Governor, other members of the Board of Directors are appointed for a term of four years, renewable once. (5) To ensure continuity of the NBR administration, members of the Board of Directors are appointed at staggered intervals so that their respective terms of office expire at different times. <u>Article 13: Requirements for being a member of the Board of Directors</u> A member of the Board of Directors must – (a) be a person of integrity; (b) not have been sentenced to imprisonment for a term of six months or more by a final judgment; (c) not have been convicted of the crime of genocide ideology and related crimes; and (d) not have been convicted of the crime	Gouverneur Adjoint, les autres membres du Conseil d'Administration sont nommés pour un mandat de quatre ans, renouvelable une fois. (5) Afin d'assurer la continuité de l'administration de la BNR, les membres du Conseil d'Administration sont nommés à des intervalles décalés de manière à ce que les dates d'expiration respectives de leurs mandats ne coïncident pas. <u>Article 13 : Exigences pour être membre du Conseil d'Administration</u> Un membre du Conseil d'Administration doit – (a) être intègre ; (b) ne pas avoir été condamné à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six mois par un jugement définitif ; (c) ne pas avoir été reconnu coupable du crime d'idéologie du génocide et des crimes connexes ; et (d) ne pas avoir été reconnu coupable
--	--	---

jenocide. <u>Ingingo ya 14: Inshingano z'Inama y'Ubuyobozi</u> (1) Inama y'Ubuyobozi ishyiraho politiki rusange ya BNR ikanakurikirana ishyirwa mu bikorwa ryayo. (2) By'umwihariko, Inama y'Ubuyobozi ifite inshingano zikurikira: (a) gushyiraho politiki zijyanye no gutunganya imirimo ya BNR no kwemeza imiterere y'inzego z'imirimo yayo; (b)kwemeza amabwiriza n'amabwiriza yihariye BNR ishyiraho ishingiyeye ku mategeko ariho; (c)gufata icyemezo kirebana n'ubugenzuzi bw'ibigo by'imari, ishingiyeye ku mategeko asanzwe ariho; (d)kwiga no kwemeza ishyirwaho, ikorwa, ikurwaho cyangwa iguranwa ry'ubwoko bw'inoti n'ibiceri ndetse n'ibibiranga	of genocide. <u>Article 14: Responsibilities of the Board of Directors</u> (1) The Board of Directors formulates the NBR general policy and oversees its implementation. (2) In particular, the Board of Directors has the following responsibilities: (a) to formulate policies regarding the execution of the NBR functions and define its organisational chart; (b) to approve regulations and directives that the NBR issues under existing laws; (c) to make a decision pertaining to the supervision of financial institutions in accordance with the existing laws; (d) to deliberate on and authorize the minting, issuance, withdrawal or exchange of bank notes and coins and their features and submitting	du crime de génocide. <u>Article 14 : Attributions du Conseil d'Administration</u> (1) Le Conseil d'Administration définit la politique générale de la BNR et en contrôle la mise en application. (2) Plus particulièrement, le Conseil d'Administration a les attributions suivantes : (a) formuler les politiques relatives à l'exercice des fonctions de la BNR et définir son cadre organique ; (b) approuver les règlements et les directives que la BNR édicte en vertu des lois en vigueur ; (c) prendre une décision concernant la supervision des institutions financières conformément aux lois en vigueur ; (d) délibérer et décider sur la création, l'émission, le retrait ou l'échange de billets et pièces de monnaie ainsi que leurs
---	--	---

ikabyohereza urwego rubifitiye ububasha kugira ngo byemezwe; (e)kwemeza amategeko ngengamikorere na politiki bya BNR; (f)gushyiraho amategeko yihariye agenga uburyo bwo gushaka abakozi ba BNR, kubashyira mu myanya, imicungire n'iyirukanwa byabo, imishahara yabo n'ibindi bagenerwa; (g)kwemeza amategeko yihariye agenga itangwa ry'amasoko ya BNR; (h)kugena imiterere y'akazi ka Guverineri na Guverineri Wungirije bidateganywa n'iri tegeko; (i) kugena, nyuma yo kugisha inama urwego rubashyiraho, umushahara n'ibindi bigenerwa Guverineri na Guverineri Wungirije mu gihe bari mu kazi na nyuma yo kurangiza manda yabo; (j) kwemeza ingengo y'imari ya buri	them to competent authority for approval; (e) to approve the NBR internal rules and policies; (f) to determine special statutes governing the recruitment, appointment, management, and dismissal of the NBR staff, as well as their salaries and fringe benefits; (g) to approve specific rules that regulate procurement of the NBR; (h) to specify the terms and conditions of service of the Governor and Deputy Governor, other than those provided for under this Law; (i) to determine, after consultation with the appointing authority, salaries and fringe benefits entitled to the Governor and Deputy Governor during and after their term of office; (j) to approve the NBR annual	caractéristiques et les soumettre à l'autorité compétente pour approbation ; (e) approuver le règlement d'ordre intérieur et les politiques de la BNR ; (f) déterminer les statuts particuliers régissant le recrutement, le placement, la gestion, la révocation du personnel de la BNR, leurs salaires et leurs avantages ; (g) approuver le règlement particulier applicable aux marchés de la BNR ; (h) définir les termes et les conditions de service du Gouverneur et du Gouverneur Adjoint, autres que ceux prévus par la présente loi ; (i) déterminer, après consultation avec l'autorité de nomination, les salaires et les avantages du Gouverneur et du Gouverneur Adjoint pendant et après leur mandat ; (j) approuver le budget annuel de
---	--	---

mwaka ya BNR n'impinduka zayo izo ari zo zose igihe bibaye ngombwa; (k) gufata icyemezo ku byerekeranye no kwakira, gutanga no kugurisha umutungo wa BNR, n'imikoreshereze y'imari bwite yayo; (l) gushyiraho umugenzuzi w'imari wigenga wa BNR; (m) kwemeza raporo z'imari zateguwe n'umugenzuzi w'imari wigenga no kugena uko inyungu zisaranganywa; (n) kwemeza raporo y'ibikorwa ya buri mwaka Guverineri ageza kuri Perezida wa Repubulika no ku Nteko Ishinga Amategeko; (o) gushyiraho amashami ya BNR no kugena aho akorera; (p) gushyiraho komite zikenewe, uretse iziteganywa n'iri tegeko, ikaziha ububasha bwo gushyira mu bikorwa inshingano cyangwa ububasha byayo nk'uko	budget and its modification where necessary; (k) to decide on receiving, giving away and selling of property of the NBR and on the use of its core capital; (l) to appoint an independent auditor of the NBR; (m)to approve financial statements prepared by the independent auditor and to decide on the distribution of operating income; (n) to approve the annual activity report that the Governor submits to the President of the Republic and the Parliament; (o) to establish branches of the NBR and determine their locations; (p) to establish necessary Board committees, other than those provided for under this Law, to which it delegates the performance of its responsibility	la BNR et toute sa modification si nécessaire ; (k) statuer sur l'acquisition, sur la cession et sur la vente des biens de la BNR et l'utilisation de ses fonds propres ; (l) nommer un auditeur indépendant de la BNR ; (m)approuver les états financiers préparés par l'auditeur indépendant et décider sur l'affectation des résultats d'exploitation ; (n) approuver le rapport annuel d'activités que le Gouverneur présente au Président de la République et au Parlement ; (o) établir les succursales de la BNR et déterminer leur emplacement; (p) établir les comités nécessaires, autres que ceux prévus par la présente loi, auxquels il délègue l'exécution de ses attributions ou de ses pouvoirs en vertu de
--	--	--

biteganywa n'iri tegeko; (q) gushyiraho no kwemeza inyandiko ikubiyemo amahame n'amabwiriza ngengamikorere by'Inama y'Ubuyobozi n'andi mabwiriza atanyuranya n'iri tegeko, agenga imitunganyirize y'imirimo yayo; (r) gufata icyemezo ku kindi kibazo cyerekeranye n'itegeko ya BNR iri tegeko cyangwa irindi tegeko ritageneye urundi rwego rwa BNR. (3) Nta komite y'Inama y'Ubuyobozi ibamo Guverineri cyangwa Guverineri Wungirije. (4) Uretse ububasha bwayo bwo kugenzura ishyirwa mu bikorwa rya politiki rusange n'imirungire bya BNR, Inama y'Ubuyobozi ishobora guha Guverineri bumwe mu bubasha bwayo, harimo by'umwihariko ubwo gushyiraho amabwiriza cyangwa amabwiriza yihariye no gufata ibyemezo nk'uko biteganyijwe mu gika cya (2)(c).	or powers under this Law; (q) to formulate and approve a Board Charter and other rules not inconsistent with this Law, to regulate the conduct of its functions; (r) to decide on any other issue relating to the mission of the NBR that is not explicitly entrusted to any other organ of the NBR by this Law or any other law. (3) No committee of the Board of Directors includes the Governor or the Deputy Governor. (4) Except for its powers to supervise the implementation of the general policy and management of the NBR, the Board of Directors may delegate certain powers to the Governor, in particular the powers to issue regulations or directives and to make the decisions provided for in Paragraph (2)(c).	la présente loi ; (q) élaborer et approuver la Charte du Conseil d'Administration et d'autres règles non incompatibles avec la présente loi, pour réglementer l'exercice de ses fonctions ; (r) décider sur autre question en rapport avec la mission de la BNR que la présente loi ou une autre loi n'a pas expressément confiée à un autre organe de la BNR. (3) Aucun comité du Conseil d'Administration ne comprend le Gouverneur ni le Gouverneur Adjoint. (4) Sauf pour ses pouvoirs de superviser la mise en œuvre de la politique générale et la gestion de la BNR, le Conseil d'Administration peut déléguer certains de ses pouvoirs au Gouverneur, en particulier les pouvoirs d'édicter des règlements ou des directives et de prendre les décisions prévues au paragraphe (2)(c).
---	--	---

<u>Ingingo ya 15: Inshingano z’Umuyobozi w’Inama y’Ubuyobozi</u> Umuyobozi w’Inama y’Ubuyobozi afite inshingano zikurikira: (a) gutumiza, kuyobora inama y’Inama y’Ubuyobozi no guhuza ibikorwa byayo; (b) gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry’ibyemezo by’Inama y’Ubuyobozi; (c) gukora indi mirimo yahabwa n’Inama y’Ubuyobozi ifite aho ihuriye n’inshingano ze.	<u>Article 15: Responsibilities of the Chairperson of the Board of Directors</u> The Chairperson of the Board of Directors has the following responsibilities: (a) to convene and preside over meetings of the Board of Directors and to coordinate its activities; (b) to ensure the implementation and follow-up of resolutions of the Board of Directors; and; (c) to perform any other duties related to the functions of the Chairperson as may be assigned by the Board of Directors.	<u>Article 15 : Attributions du Président du Conseil d’Administration</u> Le Président du Conseil d’Administration a les attributions suivantes : (a) convoquer et présider les réunions du Conseil d’Administration et en coordonner les activités ; (b) veiller à la mise en œuvre et au suivi des résolutions du Conseil d’Administration ; et (c) exercer toute autre fonction liée à ses attributions qui peut lui être confiée par le Conseil d’Administration.
<u>Ingingo ya 16: Inshingano z’ Umuyobozi Wungirije w’Inama y’Ubuyobozi</u> Umuyobozi Wungirije w’Inama y’Ubuyobozi afite inshingano zikurikira: (a) kunganira Umuyobozi w’Inama y’Ubuyobozi no kumusimbura igihe adahari; (b) gukora indi mirimo yahabwa n’Inama y’Ubuyobozi ifite aho	<u>Article 16: Responsibilities of the Deputy Chairperson of the Board of Directors</u> The Deputy Chairperson of the Board of Directors has the following responsibilities: (a) to assist the Chairperson of the Board of Directors and to act on their behalf in their absence; (b) to perform any other duties related to the functions of the Deputy	<u>Article 16 : Attributions du Vice-Président du Conseil d’Administration</u> Le Vice-Président du Conseil d’Administration a les attributions suivantes: (a) assister le Président du Conseil d’Administration et le remplacer en cas d’absence ; (b) effectuer l’autre tâche liée à ses attributions qui peut lui être confiée

ihuriye n'inshingano ze. <u>Ingingo ya 17: Ibitabangikanywa no kuba mu Nama y'Ubuyobozi</u> (1) Imirimo y'abagize Inama y'Ubuyobozi ya BNR ntibangikana no kuba mu bagize Inteko Ishinga Amategeko cyangwa mu bagize Inama y'Abaminisitiri n'uburyo ubwo ari bwo bwose bwo kugira uruhare, haba uruhemberwa cyangwa urudahemberwa, mu kigo kigenzurwa na BNR. (2) Ugize Inama y'Ubuyobozi, ntiyemerewe gupiganira amasoko atangwa na BNR, haba ku giti cye cyangwa isosiyete afitemo imigabane. (3) Uretse Guverineri na Guverineri Wungirije, abandi bagize Inama y'Ubuyobozi ntibemerewe kuba abakozi ba BNR.	Chairperson as may be assigned by the Board of Directors. <u>Article 17: Incompatibilities with membership of the Board of Directors</u> (1) The duties of the members of the NBR Board of Directors are incompatible with membership in the Parliament or the Cabinet, and with any form of participation, whether remunerated or not, in an institution under the supervision of the NBR. (2) A member of the Board of Directors is not allowed, whether individually or through a company in which he or she is shareholder, to bid for tenders of the NBR. (3) Except the Governor and Deputy Governor, other members of the Board of Directors are not allowed to be members of staff of the NBR.	par le Conseil d'Administration. <u>Article 17 : Incompatibilités avec qualité de membre du Conseil d'Administration</u> (1) Les fonctions des membres du Conseil d'Administration de la BNR sont incompatibles avec le fait d'être membre du Parlement ou du Conseil des Ministres, ainsi qu'avec toute forme de participation, rémunérée ou non, dans une institution placée sous la supervision de la BNR. (2) Un membre du Conseil d'Administration n'est pas autorisé, soit individuellement ou par une société dont il est actionnaire, de soumissionner aux marchés de la BNR. (3) À l'exception du Gouverneur et du Gouverneur Adjoint, les autres membres du Conseil d'Administration ne sont pas autorisés à être membres du personnel de la BNR.
---	--	---

<u>Ingingo va 18: Itumizwa n'iterana by'inama y'Inama y'Ubuyobozi</u>	<u>Article 18: Convening and holding a meeting of the Board of Directors</u>	<u>Article 18 : Convocation et tenue de la réunion du Conseil d'Administration</u>
(1) Inama y'Inama y'Ubuyobozi isanzwe iterana rimwe mu gihembwe. Itumizwa kandi ikayoborwa n'Umuyobozi w'Inama y'Ubuyobozi cyangwa Umuyobozi Wungirije iyo Umuyobozi w'Inama y'Ubuyobozi adahari. (2) Ubutumire bw'inama y'Inama y'Ubuyobozi bukorwa mu nyandiko ishyikirizwa abagize Inama y'Ubuyobozi hasigaye nibura iminsi icumi y'akazi mbere y'uko inama iterana (3) Inama y'Ubuyobozi ishobora guterana mu nama idasanzwe bisabwe na Perezida wayo cyangwa ku busabe bwa bibiri bya gatatu by'abayigize. Iyo nama isuzuma gusa ibiri ku murongo w'ibygwa. (4) Umubare wa ngombwa kugira ngo inama y'Inama y'Ubuyobozi iterane ni bibiri bya gatatu by'abayigize.	(1) The ordinary meeting of the Board of Directors is held once a quarter. It is convened and chaired by the Chairperson of the Board of Directors or by the Deputy Chairperson if the Chairperson of the Board of Directors is absent. (2) The invitation to the meeting of the Board of Directors is submitted to members of the Board of Directors in writing at least ten working days before the meeting is held. (3) The Board of Directors may hold an extraordinary meeting upon the request of its Chairperson or upon request of two-thirds of its members. The meeting considers only the items on the agenda. (4) The quorum for a meeting of the Board of Directors is two thirds of its members.	(1) La réunion ordinaire du Conseil d'Administration se tient une fois par trimestre. Elle est convoquée et présidée par le Président du Conseil d'Administration ou le Vice-Président en cas d'absence du Président du Conseil d'Administration. (2) L'invitation à la réunion du Conseil d'Administration est transmise par écrit aux membres du Conseil d'Administration au moins dix jours ouvrables avant la tenue de la réunion. (3) Le Conseil d'Administration peut tenir une réunion extraordinaire à la demande de son Président ou à la demande des deux tiers de ses membres. Cette réunion ne traite que les points inscrits à l'ordre du jour. (4) Le quorum de la réunion du Conseil d'Administration est de deux tiers de ses membres.

<u>Ingingo va 19:</u> Ifatwa ry'ibyemezo n'inyandikomvugo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi (1) Inama y'Ubuyobozi ifata ibyemezo mu bwumvikane busesuye. Iyo ubwumvikane butabashije kuboneka, ibyemezo bifatwa ku bwiganze bw'amajwi y'abitabiriye inama. Iyo amajwi angana, ijwi ry'umuyobozi w'inama ni ryo rikemura impaka. (2) Inyandikomvugo y'inama y'Inama y'Ubuyobozi ishyirwaho umukono n'abitabiriye inama bose. (3) Kopi y'ibyemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi yoherezwa Minisitiri ufite imari mu nshingano inama ikirangira. (4) Bitabangamiye ibiteganywa n'iri tegeko, Inama y'Ubuyobozi igena uburyo bw'imigendekere y'inama zayo n'uko inyandikomvugo zayo zifatwa.	<u>Article 19:</u> Decision making and minutes of the meeting of the Board of Directors (1) The Board of Directors makes decisions by consensus. If consensus cannot be reached, decisions are made by the majority vote of the members present. In case the majority vote of the members present is not obtained, the chairperson has a casting vote. (2) Minutes of the meeting of the Board of Directors are signed by all members present at the meeting. (3) A copy of the decisions of the meeting of the Board of Directors is submitted to the Minister in charge of finance immediately at the completion of the meeting. (4) Without prejudice to provisions of this Law, the Board of Directors determines the procedures for its meetings and how their minutes are recorded.	<u>Article 19 :</u> Prise de décisions et procès-verbaux de la réunion du Conseil d'Administration (1) Le Conseil d'Administration prend ses décisions par consensus. Lorsque le consensus n'est pas obtenu, les décisions sont prises à la majorité des voix des membres présents. Lorsque la majorité des voix des membres présents n'est pas obtenue, le président dispose d'une voix prépondérante. (2) Le procès-verbal de réunion du Conseil d'Administration est signé par tous les membres présents à la réunion. (3) Une copie des décisions de la réunion du Conseil d'Administration est soumise au Ministre ayant les finances dans ses attributions immédiatement à l'issue de la réunion. (4) Sans préjudice des dispositions de la présente loi, le Conseil d'Administration détermine les procédures de ses réunions ainsi que les modalités de rédaction de leurs procès-verbaux.
--	---	--

<u>Ingingo ya 20:</u> Insimburamubyizi y'abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama Iteka rya Perezida rigena amafaranga y'insimburamubyizi abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama y'Inama y'Ubuyobozi bagenerwa kandi adashobora kugabanywa mu gihe cya manda yabo. <u>Ingingo ya 21:</u> Impamvu zituma ugize Inama y'Ubuyobozi avanwa muri uwo mwanya n'uko asimburwa (1) Ugize Inama y'Ubuyobozi ava muri uwo mwanya iyo – (a) manda irangiye; (b) atacyujye ibyashingiweho ashirwa muri uwo mwanya; (c) atagishoboye gukora imirimo ye kubera ubumuga bw'umubiri cyangwa uburwayi bwo mu mutwe, byemejwe n'akanama k'abaganga batatu bemewe na Leta; (d) yeguye ku bushake;	<u>Article 20:</u> Sitting allowances of members of the Board of Directors A Presidential Order determines the sitting allowances of members of the Board of Directors who attend a Board meeting, which are not reduced during their tenure of office. <u>Article 21:</u> Reasons for loss of membership of the Board of Directors and modalities for replacement (1) A member of the Board of Directors loses membership if – (a) the term of office expires; (b) they no longer fulfil the requirements considered at the time of appointment; (c) they are no longer able to perform their duties due to physical or mental disability certified by a committee of three authorised medical doctors; (d) they voluntarily resign;	<u>Article 20 :</u> Jetons de présence des membres du Conseil d'Administration Un arrêté présidentiel détermine les jetons de présence des membres du Conseil d'Administration présents à la réunion, et qui ne peuvent pas être réduits pendant la durée de leur mandat. <u>Article 21 :</u> Causes de perte de la qualité de membre du Conseil d'Administration et modalités de remplacement (1) Un membre du Conseil d'Administration perd sa qualité de membre lorsque – (a) son mandat expire ; (b) il ne remplit plus les conditions pour lesquelles il avait été nommé ; (c) il n'est plus en mesure de remplir ses fonctions pour cause d'incapacité physique ou mentale constatée par une commission de trois médecins agréés ; (d) il démissionne volontairement ;
--	---	--

(e) yirukanwe; (f) cyangwa apfuye. (2) Iyo ugize Inama y'Ubuyobozi atakiyirimo, urwego rubifitiye ububasha rushyiraho umusimbura mu gihe cy'amezi atatu. <u>Ingingo ya 22: Komite ishinzwe ubugenzuzi n'abayigize</u> (1) Komite zishyirwaho n'Inama y'Ubuyobozi ziteganyijwe mu ngingo ya 13(2)(p) zirimo Komite ishinzwe ubugenzuzi. (2) Komite ishinzwe ubugenzuzi igizwe gusa n'abagize Inama y'Ubuyobozi batari nshingwabikorwa. (3) Komite ishinzwe ubugenzuzi ikora imirimo yayo hakurikijwe inyandiko ikubiyemo amahame n'amabwiriza ngengamikorere ya Komite ishinzwe ubugenzuzi y'Inama y'Ubuyobozi. (4) Abagize Inama y'Ubuyobozi batari nshingwabikorwa b'abakozi ba Leta bashobora kujya muri Komite ishinzwe ubugenzuzi bagatanga	(e) they are dismissed; or (f) they die. (2) If a member of the Board of Directors ceases membership, the competent authority appoints a replacement within three months. <u>Article 22: Audit Committee and its composition</u> (1) Committees established by the Board of Directors provided for in Article 13(2)(p) include the Audit Committee. (2) The Audit Committee is composed exclusively of non-executive board members. (3) The Audit Committee operates in accordance with the Board Audit Committee Charter. (4) Non-executive board members who are civil servants may only join the Audit Committee in an advisory capacity. However, civil servants,	(e) il est révoqué ; ou (f) il décède. (2) Lorsqu'un membre du Conseil d'Administration cesse d'être membre, l'autorité compétente nomme un remplaçant dans un délai de trois mois. <u>Article 22 : Comité d'audit et sa composition</u> (1) Les comités établis par Conseil d'Administration prévus à l'article 13(2)(p) comprennent le Comité d'audit. (2) Le Comité d'audit est composé exclusivement de membres non exécutifs du Conseil d'Administration. (3) Le Comité d'audit exerce ses activités conformément à la charte du Comité d'audit du Conseil d'Administration. (4) Les membres non exécutifs du Conseil d'Administration qui sont des agents de l'État ne peuvent rejoindre le Comité d'audit qu'à
--	--	--

ubujyanama gusa. icyakora, abakozi ba Leta, bagize Komite ishinze ubugenzuzi bakomoka mu rwego rw'amashuri makuru cyangwa mu bigo by'ubushakashatsi, bo bafite uburenganzira bwo gutora. <u>Akiciro ka 2: Ubuyobozi</u> <u>Ingingo ya 23: Abagize ubuyobozi, ishyirwaho n'ivanwa mu mirimo byabo</u> (1) Ubuyobozi bwa BNR bugizwe na Guverineri na Guverineri Wungirije bashyirwaho kandi bakavanwa mu mirimo n'iteka rya Perezida. (2) Guverineri na Guverineri Wungirije bamara ku mirimo yabo igihe cy'imyaka itandatu, gishobora kongerwa. Aho bishoboka, guhagarika imirimo yabo bikorwa ku buryo imikorere ya BNR idahungabana. (3) Ishyirwaho rya Guverineri na Guverineri Wungirije ribanza kwemezwa na Sena kandi rikorwa mu gihe kitarenze amezi atatu abarwa uherye ku munsu umwanya w'umurimo udafite uwurimo.	members of the Audit Committee, who are from academia or research institutions have voting right. <u>Sub-section 2: Management</u> <u>Article 23: Composition of the Management, appointment and dismissal of its members</u> (1) The Management of the NBR consists of the Governor and the Deputy Governor, who are appointed and dismissed by a Presidential Order. (2) The Governor and the Deputy Governor have a six-year term, which may be renewed. Where possible, the termination of their duties is done in a manner that does not jeopardize the NBR operations. (3) The appointment of the Governor and the Deputy Governor is subject to Senate approval and is done within three months from the date the position becomes vacant.	titre consultatif. Toutefois, des agents de l'État, les membres du comité d'audit, qui proviennent du corps académique ou des chercheurs ont le droit de vote. <u>Sous-section 2 : Direction</u> <u>Article 23 : Composition de la Direction, nomination et révocation de ses membres</u> (1) La Direction de la BNR est composée par le Gouverneur et le Gouverneur Adjoint nommés et révoqués par un arrêté présidentiel. (2) Le Gouverneur et le Gouverneur Adjoint ont un mandat de six ans renouvelable. Le cas échéant, la cessation de leurs attributions se fait de manière à ne pas compromettre la continuité des activités de la BNR. (3) La nomination du Gouverneur et du Gouverneur Adjoint est soumise à l'approbation du Sénat et est effectuée endéans trois mois à compter du jour auquel le poste devient vacant.
---	---	--

<u>Ingingo ya 24: Inshingano za Guverineri</u>	<u>Article 24: Duties of the Governor</u>	<u>Article 24 : Attributions du Gouverneur</u>
(1) Guverineri afite inshingano zikurikira: (a) guhagararira BNR imbere y'amategeko; (b) kuyobora no guhuza ibikorwa bya BNR; (c) guhagararira BNR, ubwe cyangwa akoresheje umuhagararira, mu birebana n'imanza BNR ifitemo inyungu; (d) gushyira umukono ku masezerano, amasezerano y'ubwumvikane cyangwa amasezerano y'umurimo akorwa na BNR, raporo z'umwaka, iz'uko umutungo uhagaze, raporo igaragaza ibyinjiye byose n'izindi raporo z'imari, inyandiko n'izindi nyandiko za BNR; (e) gushyira umukono ku inoti;	(1) The Governor has the following duties: (a) to serve as the legal representative of the NBR; (b) to lead and coordinate the activities of the NBR; (c) to represent the NBR, either personally or through counsel, in any legal proceedings in which the NBR has an interest; (d) to sign any agreement, convention or contract concluded by the NBR, annual reports, financial position, statements of comprehensive income and other financial statements, correspondence, and other documents of the NBR; (e) to sign on banknotes;	(1) Le Gouverneur a les attributions suivantes : (a) être le représentant légal de la BNR ; (b) diriger et coordonner les activités de la BNR ; (c) représenter la BNR, personnellement ou par l'intermédiaire d'un conseil, dans toute procédure judiciaire dans laquelle la BNR a un intérêt ; (d) signer tout accord, convention ou contrat conclu par la BNR, ainsi que les rapports annuels, la situation financière, le compte des pertes et profits, et les autres états financiers, les correspondances et d'autres documents de la BNR ; (e) apposer sa signature sur les billets de la banque ;

(f) kugena ibisabwa kuri buri mwanya w'umurimo muri BNR; (g) gushaka, gushyira mu mwanya, gucunga no gusezerera abakozi ba BNR hashingiwe ku biteganywa n'amategeko yihariye agenga abakozi ba BNR; (h) gushyiraho uburyo bw'imikorere, ibigomba kubahirizwa n'amabwiriza y'akazi abona ko ari ngombwa mu micungire myiza ya BNR; (i) gucunga no gushyira mu bikorwa ingengo y'imari yemejwe ya BNR; (j) kwemeza ibigo by'imari bikora nk'intumwa cyangwa abahagarariye BNR, haba mu Rwanda cyangwa mu mahanga; (k) gukora izindi nshingano ashobora guhabwa n'Inama y'Ubuyobozi.	(f) to specify requirements for each job position within the NBR; (g) to recruit, appoint, manage and dismiss the NBR staff under the terms and conditions laid down by the special statutes governing the staff of the NBR; (h) to establish operating procedures, instructions, service orders that they consider necessary for the NBR proper management; (i) to manage and implement the approved budget of the NBR; (j) to approve the financial institutions which operate in the capacity of the NBR agents or correspondents whether in Rwanda or abroad; (k) to perform other duties as may be assigned by the Board of Directors.	(f) définir les exigences pour chaque poste d'emploi au sein de la BNR ; (g) recruter, nommer, gérer et révoquer le personnel de la BNR conformément aux termes et conditions définis par les statuts particuliers régissant le personnel de la BNR ; (h) mettre en place des procédures opérationnelles, des instructions et des ordres de service qu'il considère nécessaires à la bonne gestion de la BNR ; (i) gérer et mettre en œuvre le budget approuvé de la BNR ; (j) approuver les institutions financières qui fonctionnent en qualité d'agents ou de correspondants de la BNR, que ce soit au Rwanda ou à l'étranger ; (k) exécuter autre tâche qui peut lui être confiée par le Conseil d'Administration ;
---	---	---

(2) Guverineri ashobora guha abandi bakozi ba BNR bumwe mu bubasha bwe buteganywa muri iyi ngingo, uretse ubwo gushyira umukono ku noti. (3) Guverineri ashobora gukorana n'inzego zifite inshingano zo kureberera inzego za Leta mu gihe ashya mu bikorwa ububasha ahabwa mu gika cya (1)(g). <u>Ingingo ya 25: Inshingano za Guverineri Wungirije</u> Guverineri Wungirije afite inshingano zikurikira: (a) kunganira Guverineri mu gukora inshingano ze; (b) gushyira umukono ku noti; (c) gusimbura Guverineri igihe adahari cyangwa atarashyirwaho; (d) gukora indi nshingano yahawe n'Inama y'Ubuyobozi.	(2) The Governor may delegate any of their powers provided for under this Article to other officers of the NBR, except the authority to sign on bank notes. (3) The Governor may collaborate with institutions mandated to supervise the public service while exercising the powers entrusted to them in Paragraph (1)(g). <u>Article 25: Duties of the Deputy Governor</u> The Deputy Governor has the following duties: (a) to assist the Governor in the performance of their duties; (b) to sign on banknotes; (c) to replace the Governor in case of their absence or if the Governor is not yet appointed; (d) to perform any other duty as may be assigned to them by the Board of Directors.	(2) Le Gouverneur peut déléguer tout pouvoir prévus au présent article à d'autres agents de la BNR, à l'exception du pouvoir de signer les billets de banque. (3) Le Gouverneur peut collaborer avec des institutions dotées d'une mission de supervision de la fonction publique lorsqu'il exerce des pouvoirs qui lui sont confiés au paragraphe (1)(g). <u>Article 25 : Attributions du Gouverneur Adjoint</u> Le Gouverneur Adjoint a les attributions suivantes : (a) assister le Gouverneur dans l'exécution de ses attributions ; (b) apposer sa signature sur les billets de banque ; (c) remplacer le Gouverneur en cas d'absence ou lorsqu'il n'est pas encore nommé ; (d) exécuter autre tâche qui lui confiée par le Conseil d'Administration.
---	---	---

<u>Ingingo ya 26:</u> Ibitabangikanywa n'imirimo ya Guverineri n'iya Guverineri Wungirije Imirimo ya Guverineri na Guverineri Wungirije ntibangikanywa n'undi mwanya w'umurimo n'indi mirimo iyo ari yo yose isaba gukorwa ku buryo buhoraho. <u>Ingingo ya 27:</u> Amasezerano y'imyenda Guverineri na Guverineri Wungirije badashyiraho umukono Guverineri na Guverineri Wungirije ntibemerewe gushyira umukono ku masezerano ashobora gufatwa nk'ubwishingizi bw'imyenda BNR iha amabanki y'ubucuruzi. <u>Ingingo ya 28:</u> Impamvu zituma Guverineri cyangwa Guverineri Wungirije bava ku mirimo Guverineri cyangwa Guverineri Wungirije bava ku murimo iyo – (a) manda irangiye; (b) atacyujije impamvu zashingiweho ashirwa muri uwo mwanya; (c) atagishoboye gukora imirimo ye kubera ubumuga bw'umubiri	<u>Article 26:</u> Incompatibilities with the duties of the Governor and Deputy Governor The functions of the Governor and Deputy Governor are incompatible with any other full-time position or functions. <u>Article 27:</u> Debt agreements that the Governor and the Deputy Governor are not allowed to sign The Governor and Deputy Governor are not allowed to sign agreements that may be used as collateral for refinancing by the NBR. <u>Article 28:</u> Grounds for termination of office of the Governor or Deputy Governor The Governor or Deputy Governor leaves office if – (a) the term of office expires; (b) they no longer meet the qualifications required at the time of appointment; (c) they are unable to perform their functions due to physical or mental	<u>Article 26 :</u> Incompatibilités avec les fonctions de Gouverneur et de Gouverneur Adjoint Les fonctions du Gouverneur et du Gouverneur Adjoint sont incompatibles avec tout autre poste et toute fonction à temps plein. <u>Article 27 :</u> Accords de refinancement que le Gouverneur et le Gouverneur Adjoint ne sont pas autorisés à signer Le Gouverneur et le Gouverneur Adjoint ne sont pas autorisés à signer les accords pouvant être acceptées comme garantie de refinancement par la BNR. <u>Article 28 :</u> Motifs de cessation de fonctions du Gouverneur ou du Gouverneur Adjoint Le Gouverneur ou le Gouverneur Adjoint cesse d'exercer ses fonctions lorsque – (a) le mandat expire ; (b) il ne remplit plus les conditions pour lesquelles il avait été nommé ; (c) il n'est plus en mesure de remplir ses fonctions pour cause
--	---	--

cyangwa uburwayi bwo mu mutwe, byemejwe n’akanama k’abaganga batatu bemewe na Leta; (d) yeguye ku bushake; (e) yirukanwe; (f) apfuye. <u>Icyiciro cya 2: Komite zihariye</u> <u>Akiciro ka mbere: Komite ishinzwe Politiki y’ifaranga</u> <u>Ingingo ya 29: Abagize Komite ishinzwe Politiki y’ifaranga, ishyirwaho na manda byabo</u> (1) Komite ishinzwe Politiki y’ifaranga igizwe n’abantu icyenda bakurikira: (a) Guverineri, ari na we muyobozi wayo; (b) Guverineri Wungirije, ari we muyobozi wungirije; (c) abakozi bakuru babiri ba BNR bagenwa na Guverineri, harimo –	disability, certified by a committee of three authorised medical doctors; (d) they voluntarily resign; (e) they are dismissed; (f) they die. <u>Section 2: Special committees</u> <u>Sub-section One: Monetary Policy Committee</u> <u>Article 29: Composition of the Monetary Policy Committee, appointment and term of office of its members</u> (1) The Monetary Policy Committee consists of the following nine members: (a) The Governor, who is also its Chairperson; (b) the Deputy Governor, who is also its Deputy Chairperson; (c) two NBR senior officers appointed by the Governor, of whom –	d’incapacité physique ou mentale constatée par une commission de trois médecins agréés ; (d) il démissionne volontairement ; (e) il est révoqué ; (f) il décède. <u>Section 2 : Comités spéciaux</u> <u>Sous-section première : Comité de Politique monétaire</u> <u>Article 29 : Composition du Comité de Politique monétaire, nomination et durée du mandat de ses membres</u> (1) Le Comité de Politique monétaire est composé de neuf membres suivants : (a) le Gouverneur, qui en est le Président ; (b) le Gouverneur Adjoint, qui en est le Vice- Président ; (c) deux cadres supérieurs de la BNR nommés par le Gouverneur, parmi lesquels –
---	---	--

(i) umukozi ufite inshingano zo mu rwego rwisumbuye mu birebana n'isesengura rya politiki y'ifaranga; (ii) n'umukozi ufite inshingano zo mu rwego rwisumbuye mu birebana n'ibikorwa bya politiki y'ifaranga; (d) abandi bakozi ba BNR bagenwa na Guverineri; (e) abandi bagize Komite batari abakozi ba BNR, bashyirwaho n'Inama y'Ubuyobozi hashingiwe ku bumenyi bwabo, ubunararibonye n'ubuhanga bafite mu bijyanye n'inshingano za Komite, kandi Inama y'Ubuyobozi ikagena ibyo bagererwa. (2) Abagize Komite ishinze Politiki y'ifaranga bashyirwaho n'Inama y'Ubuyobozi bagira manda y'imyaka ine, ishobora kongerwa inshuro imwe.	(i) one employee with senior management responsibilities in monetary policy analysis; and (ii) one employee with senior management responsibilities for monetary policy operations; (d) other NBR officers designated by the Governor; (e) other members who are not staff of the NBR, appointed by the Board of Directors based on their knowledge, experience and expertise in the concerned Committee's responsibilities, and whose benefits are determined by the Board of Directors. (2) Members of the Monetary Policy Committee appointed by the Board of Directors serve a four-year term, renewable once.	(i) un cadre ayant des hautes responsabilités en matière d'analyse de la politique monétaire ; et (ii) un cadre ayant des hautes responsabilités en matière des opérations de la politique monétaire ; (d) d'autres cadres de la BNR désignés par le Gouverneur ; (e) d'autres membres qui ne sont pas membres du personnel de la BNR, nommés par le Conseil d'Administration sur la base de leurs connaissances, de leur expérience et de leur expertise dans les attributions du comité concerné et le Conseil d'Administration détermine leurs avantages. (2) Les membres du Comité de Politique monétaire nommés par le Conseil d'Administration exercent un mandat de quatre ans, renouvelable une fois.
---	---	--

<u>Ingingo ya 30: Inshingano za Komite ishinzwe Politiki y'ifaranga</u> Komite ishinzwe Poliki y'ifaranga ifite inshingano zo gutegura politiki y'ifaranga muri BNR. <u>Ingingo ya 31: Inama ya Komite ishinzwe Politiki y'ifaranga n'uko ibyemezo byayo bifatwa</u> (1) Inama ya Komite ishinzwe Politiki y'ifaranga iterana rimwe mu gihembwe ndetse n'igihe bibaye ngombwa. Inama itumizwa kandi ikayoborwa n'Umuyobozi cyangwa Umuyobozi Wungirije, iyo Umuyobozi adahari. (2) Umubare wa ngombwa kugira ngo inama ya Komite ishinzwe Politiki y'ifaranga iterane ni bibiri bya gatatu by'abayigize. (3) Ibyemezo bya Komite ishinzwe Politiki y'ifaranga bifatwa ku bwumvikane busesuye. Iyo ubwumvikane butabashije kuboneka, ibyemezo bifatwa ku bwiganze bw'amajwi y'abitabiriye inama hatarimo abagize Inama y'Ubuyobozi batari nshingwabikorwa b'abakozi ba Leta,	<u>Article 30: Responsibilities of Monetary Policy Committee</u> The Monetary Policy Committee is responsible for the formulation of a monetary policy in the NBR. <u>Article 31: Meeting of the Monetary Policy Committee and modalities for decision-making</u> (1) The meeting of the Monetary Policy Committee is held once a quarter and whenever necessary. It is convened and chaired by the Chairperson, or in their absence, by the Deputy Chairperson. (2) The quorum for the meeting of the Monetary Policy Committee is two thirds of its members. (3) Decisions of the Monetary Policy Committee are taken by consensus. If the consensus cannot be reached, decisions are made by the majority vote of the members present excluding non-executive members who are civil servants, unless they are from academia or research institutions. In case the majority vote	<u>Article 30 : Attributions du Comité de Politique monétaire</u> Le Comité de Politique monétaire est chargé de l'élaboration de la politique monétaire au sein de la BNR. <u>Article 31 : Réunion du Comité de Politique monétaire et modalités de prise de décision</u> (1) Le Comité de Politique monétaire se réunit une fois par trimestre et chaque fois que nécessaire. La réunion est convoquée et présidée par le Président, ou, en son absence, par le Vice-Président. (2) Le quorum pour une réunion du Comité de Politique monétaire est de deux tiers de ses membres. (3) Les décisions du Comité de Politique monétaire sont prises par consensus. Lorsque le consensus n'est pas obtenu, les décisions sont prises à la majorité des voix des membres présents, à l'exclusion des membres non exécutifs qui sont agents de l'État, à l'exception de ceux issus du milieu universitaire
---	--	--

keretse abakomoka mu rwego rw'amashuri makuru cyangwa mu bigo by'ubushakashatsi. Iyo amajwi angana, ijwi ry'umuyobozi w'inama ni ryo rikemura impaka. (4) Komite ishinzwe Politiki y'ifaranga ishyiraho amabwiriza akena imigendekere y'inama n'uko inyandikomvugo z'inama zifatwa. <u>Akiciro ka 2: Komite ishinzwe ukutajegajega k'Urwego rw'imari</u> <u>Ingingo ya 32: Abagize Komite ishinzwe ukutajegajega k'Urwego rw'imari, ishyirwaho na manda byabo</u> (1) Komite ishinzwe ukutajegajega k'Urwego rw'imari igizwe n'abantu 11 bakurikira: (a) Guverineri, ari na we Muyobozi wayo; (b) Guverineri Wungirije, ari we Muyobozi wungirije; (c) abakozi bakuru batatu ba BNR bagenwa na Guverineri, harimo— (i) umuntu umwe ufite	of the members present is not obtained, the Chairperson has a casting vote (4) The Monetary Policy Committee determines modalities of proceedings of meetings and how minutes are recorded. <u>Sub-section 2: Financial Stability Committee</u> <u>Article 32: Composition of the Financial Stability Committee, appointment and term of office of its members</u> (1) The Financial Stability Committee consists of the following 11 members: (a) the Governor, who is also its Chairperson; (b) the Deputy Governor, who is the Deputy Chairperson; (c) three senior officers of the NBR appointed by the Governor, of whom – (i) one person with senior	ou des institutions de recherche. Lorsque la majorité des voix des membres présents n'est pas obtenue, le Président dispose d'une voix prépondérante. (4) Le Comité de Politique monétaire détermine les modalités de tenue de ses réunions et de rédaction des procès-verbaux. <u>Sous-section 2 : Comité de Stabilité financière</u> <u>Article 32 : Composition du Comité de Stabilité financière, nomination et durée du mandat de ses membres</u> (1) Le Comité de Stabilité financière est composé de 11 membres suivants : (a) le Gouverneur, qui en est le Président ; (b) le Gouverneur Adjoint, qui en est le Vice- Président ; (c) trois cadres supérieurs de la BNR nommés par le Gouverneur parmi lesquels – (i) une personne ayant des hautes
---	---	--

inshingano zo ku rwego rwo hejuru mu birebana n'ukutajegajega kw'urwego rw'imari; (ii) umuntu umwe ufite inshingano zo mu rwego rwo hejuru mu birebana n'isesengura rya politiki y'ifaranga; (iii) umuntu umwe ufite inshingano zo mu rwego rwo hejuru mu birebana n'ibikorwa bya politiki y'ifaranga; (d) abandi bakozi ba BNR bagenwa na Guverineri, bafite ubumenyi, uburambe n'ubuzobere mu birebana n'inshingano za komite; (e) abandi batari abakozi ba BNR, bashobora gushyirwaho n'Inama y'Ubuyobozi hashingiwe ku bumenyi bwabo, ubunararibonye n'ubuhanga bafite mu bijyanye n'inshingano za komite, kandi n'Inama y'Ubuyobozi ikagena ibyo bagenerwa.	management responsibilities for financial stability; (ii) one person with senior management responsibilities for monetary policy analysis; (iii) one person with senior management responsibilities for monetary policy operations; (d) other NBR officers designated by the Governor who possess knowledge, experience and expertise in responsibilities of the Committee; (e) other members who are not staff of the NBR, who may be appointed by the Board of Directors basing on their knowledge, experience and expertise in the concerned responsibilities of the committee, and whose benefits are determined by the Board of Directors.	attributions dans la stabilité financière ; (ii) une personne ayant des hautes attributions dans l'analyse de la politique monétaire ; (iii) une personne ayant de hautes attributions dans les opérations de la politique monétaire ; (d) d'autres agents de la BNR désignés par le Gouverneur, qui possèdent des connaissances, de l'expérience et une expertise dans les attributions du comité ; (e) d'autres membres qui ne sont pas membres du personnel de la BNR, qui peuvent être nommés par le Conseil d'Administration sur la base de leurs connaissances, de leur expérience et de leur expertise dans les attributions du comité, et le Conseil d'Administration détermine leurs avantages.
---	--	---

(2) Abagize Komite ishinzwe ukutajegajega k'Urwego rw'imari bashyirwaho n'Inama y'Ubuyobozi bagira manda y'imyaka ine, ishobora kongerwa inshuro imwe.	(2) Members of the Financial Stability Committee appointed by the Board of Directors serve a four-year term, which may be renewed once.	(2) Les membres du Comité de Stabilité financière nommés par le Conseil d'Administration exercent un mandat de quatre ans, renouvelable une fois.
<u>Ingingo ya 33: Inshingano za Komite ishinzwe ukutajegajega k'urwego rw'imari</u>	<u>Article 33: Responsibilities of the Financial Stability Committee</u>	<u>Article 33 : Attributions du Comité de Stabilité financière</u>
Komite ishinzwe ukutajegajega k'urwego rw'imari ifite inshingano zikurikira:	The Financial Stability Committee has the following responsibilities:	Le Comité de Stabilité financière a les attributions suivantes :
(a) gusuzuma buri gihe no gukora ku buryo urwego rw'imari rutajegajega kandi rukaba ruhamye;	(a) to regularly review and ensure the soundness and stability of the financial system;	(a) évaluer régulièrement et s'assurer de la solidité et la stabilité du système financier ;
(b) guteza imbere urwego rutajegajega rw'imari mu Rwanda, hakorwa isesengura ry'urwego rw'imari ku buryo buhoraho hitawe ku hantu rukorera;	(b) to promote the stability of the Rwandan financial system by analysing on a permanent basis, the system in its environment;	(b) promouvoir la stabilité du système financier du Rwanda en analysant de manière permanente ce système dans son environnement ;
(c) gutahura, gukurikirana no kumenyekanisha ibyateza ingorane zirebana n'urwego rw'imari kandi igafata ingamba zikwiye zo gukumira, kugabanya no koroshya ibyateza ingorane.	(c) to identify, monitor and publish risks associated with financial systems in order to consider and take suitable actions to prevent, reduce and mitigate risks.	(c) identifier, surveiller et publier les risques associés aux systèmes financiers en vue d'évaluer et prendre des décisions appropriées.

Ingingo ya 34: Inama ya Komite ishinzwe ukutajegajega k'Urwego rw'imari n'uko ibyemezo bifatwa (1) Inama ya Komite ishinzwe ukutajegajega k'Urwego rw'imari iterana rimwe mu gihembwe n'igihe bibaye ngombwa. Inama itumizwa kandi ikayoborwa n'Umuyobozi wayo cyangwa n'Umuyobozi wungirije, iyo umuyobozi adahari. (2) Umubare wa ngombwa kugira ngo inama ya Komite ishinzwe ukutajegajega k'Urwego rw'imari iterane ni bibiri bya gatatu by'abayigize. (3) Ibyemezo bya Komite ishinzwe ukutajegajega k'Urwego rw'imari bifatwa ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama. Iyo ubwumbikane butabashije kuboneka, ibyemezo bifatwa ku bwiganze bw'amajwi y'abitabiriye inama, hatabariwemo abagize komite batari nshingwabikorwa b'abakozi ba Leta, keretse abakomoka mu rwego rw'amashuri makuru cyangwa mu bigo by'ubushakashatsi. Iyo ubwiganze bw'amajwi bitabonetse, ijwi ry'umuyobozi w'inama ni ryo	Article 34: Meeting of the Financial Stability Committee and modalities for decisions-making (1) A meeting of the Financial Stability Committee is held once a quarter and whenever necessary. The meeting is convened and presided over by the Chairperson, or in their absence, by the Deputy Chairperson. (2) The quorum for the meeting of Financial Stability Committee is two thirds of its members. (3) Decisions of the Financial Stability Committee are taken by consensus. If the consensus cannot be reached, decisions are made by the majority vote of the members present excluding non-executive members who are civil servants, unless they are from academia or research institutions. In case the majority vote of the members present is not obtained, the chairperson has a casting vote.	Article 34 : Réunion du Comité de Stabilité financière et modalités de prise des décisions (1) Le Comité de Stabilité financière se réunit une fois par trimestre et chaque fois que nécessaire. La réunion est convoquée et présidée par le Président ou, en son absence, par le Vice-Président. (2) Le quorum pour une réunion du Comité de Stabilité financière est de deux tiers de ses membres. (3) Les décisions du Comité de Stabilité financière sont prises par consensus. Lorsque le consensus n'est pas obtenu, les décisions sont prises à la majorité des voix des membres présents à l'exclusion des membres non exécutifs qui sont agents de l'État, à l'exception de ceux issus du milieu universitaire ou des institutions de recherche. Lorsque la majorité des voix des membres présents n'est pas obtenue, le président dispose d'une voix prépondérante.
--	---	--

rikemura impaka. (4) Komite ishinzwe ukutajegajega k'Urwego rw'imari ishyiraho amabwiriza akena imigendekere y'inama n'uko inyandikomvugo z'inama zifatwa. <u>Ingingo ya 35: Itangazwa ry'iby'ingenzi bya politiki y'ifaranga</u> Nyuma ya buri nama ya Komite ishinzwe Politiki y'ifaranga, BNR itangaza, mu buryo ibona bukwiye kandi mu gihe cya vuba gishoboka, iby'ingenzi bya politiki y'ifaranga n'ukutajegajega k'urwego rw'imari bigomba gushyirwa mu bikorwa na banki. <u>UMUTWE WA IV: IMICUNGIRE Y'IFARANGA</u> <u>Icyiciro cya mbere: Imicungire y'ifaranga ry'u Rwanda</u> <u>Ingingo ya 36: Amafaranga yemewe mu kwishyurana muri Repubulika y'u Rwanda</u> (1) Urugero fatizo rw'amafaranga ya Repubulika y'u Rwanda ni ifaranga ry'u Rwanda, «FRW» mu magambo ahinnye, mu ngingo zikurikira	(4) The Financial Stability Committee determines modalities of proceedings of its meetings and how minutes are taken. <u>Article 35: Communication of the gist of the monetary policy</u> The NBR communicates, after each meeting of the Monetary Policy Committee, in a manner it considers appropriate and as soon as practicable, the gist of the monetary policy and financial stability to be implemented by the bank. <u>CHAPTER IV: CURRENCY MANAGEMENT</u> <u>Section One: National currency management</u> <u>Article 36: Currency acceptable as legal tender in the Republic of Rwanda</u> (1) The monetary unit of the Republic of Rwanda is the Rwandan franc abbreviated as "FRW", hereinafter referred to as "the franc".	(4) Le Comité de Stabilité financière détermine les modalités de tenue de ses réunions et de rédaction de procès-verbaux. <u>Article 35 : Communication de l'essentiel de la politique monétaire</u> Après chaque réunion du Comité de Politique monétaire, la BNR communique, de la manière qu'elle juge appropriée et dès que possible, l'essentiel de la politique monétaire et de stabilité financière à mener par la banque. <u>CHAPITRE IV : GESTION DE LA MONNAIE</u> <u>Section première : Gestion de la monnaie nationale</u> <u>Article 36 : Monnaie ayant cours légal en République du Rwanda</u> (1) L'unité monétaire de la République du Rwanda est le franc rwandais, en abrégé « FRW », dénommé ci-après « le franc ».
--	---	---

ryitwa «ifaranga». (2) Ifanga riri mu buryo bw'inoti, ubw'ibiceri cyangwa ubundi buryo bw'amafaranga bwemejwe n'urwego rukora ifaranga. (3) Iteka rya Perezida rishyiraho inoti, ibiceri cyangwa ubundi bwoko bw'amafaranga bufite agaciro mu kwishyurana muri Repubulika y'u Rwanda kandi rikagena ibibiranga. (4) Inoti iba iriho umukono wa Guverineri n'uwa Guverineri Wungirije. (5) Inoti, ibiceri cyangwa ubundi bwoko bw'amafaranga bifite agaciro mu kwishyurana muri Repubulika y'u Rwanda bikomeza kugira agaciro kugeza igihe bihinduriwe. (6) Amasezerano ashingiye ku mafaranga, akorewe ku butaka bwa Repubulika y'u Rwanda afatwa nk'aho yakozwe mu mafaranga y'u Rwanda kandi yubahirizwa muri ayo mafaranga gusa, keretse mu gihe hari andi mategeko abiteganyaho.	(2) A Franc is in form of banknotes, coins or any other form approved by currency issuing authority. (3) A presidential Order establishes banknotes, coins or any other form of currency with legal tender in the Republic of Rwanda and determines their features. (4) A banknote bears the signature of the Governor and the Deputy Governor. (5) Banknotes, coins or any other form of currency that are legal tender in the Republic of Rwanda continue to have legal tender until they are demonetised. (6) Monetary obligations or transactions entered into or made in the Republic of Rwanda are considered to be expressed and settled in Rwandan franc unless otherwise provided for by the law.	(2) Le franc est sous forme de billets de banque, de pièces de monnaie ou de toute autre forme de monnaie approuvée par l'autorité de frappe de la monnaie. (3) Un arrêté présidentiel établit les billets de banque, les pièces de monnaie ou l'autre forme de monnaie ayant cours légal dans la République du Rwanda et détermine leurs caractéristiques. (4) Un billet de banque porte la signature du Gouverneur et du Gouverneur Adjoint. (5) Les billets de banque, les pièces de monnaie ou toute autre forme de monnaie ayant cours légal dans la République du Rwanda continuent d'avoir cours légal jusqu'à leur démonétisation. (6) Les obligations ou les transactions monétaires contractées ou effectuées sur le territoire de la République du Rwanda sont réputées être exprimées et réglées en francs rwandais, sauf dispositions contraires prévues par la loi.
--	---	--

ukundi. <u>Ingingo ya 37: Agaciro k'ifaranga</u> Agaciro k'ifaranga mu bijyanye n'ivunjisha Kagenwa hakurikijwe ingamba za politiki y'ifaranga zashyizweho na NBR. Icyakora, mu bihe bidasanze bishobora guteza impinduka zikabije ku ifaranga, BNR igena igipimo cy'ivunjisha ry'ifaranga mu gihe runaka. <u>Ingingo ya 38: Uburenganzira bwo gucunga ifaranga</u> BNR ni yo yonyine ifite uburenganzira bwo gucunga ifaranga mu izina rya Leta. <u>Ingingo ya 39: Umubare ntarengwa mu guhererekanya inoti n'ibiceri</u> (1) Guhererekanya inoti ntibigira umubare w'inoti ntarengwa. (2) Ububasha bwo kwishyurana bw'ibiceri buhagararira kuri buri bwoko bw'ibiceri, ku nshuro 100 agaciro kanditse kuri buri bwoko bw'ibiceri, keretse iyo uwishyurwa yemeye kwakira umubare w'ibiceri urengaho. Icyakora, nta mubare ntarengwa mu iyakirwa ryabyo	<u>Article 37: Value of the franc</u> The value of the franc in terms of foreign exchange is determined in accordance with Monetary policy strategy set by NBR. However, where exceptional circumstances are likely to cause exorbitant speculation on the franc, the BNR fixes the exchange rate of the franc for a given period. <u>Article 38: Privilege to manage franc</u> The NBR has the sole privilege to manage the franc on behalf of the Government. <u>Article 39: Limitation in banknotes and coins exchange</u> (1) Exchange of banknotes is unlimited. (2) For each type of coin, the exchange is limited to 100 times its unitary face value, except if the creditor agrees to receive coins exceeding this amount. However, coins are accepted without limits by the NBR, public cashiers and by banks or other financial institutions that receive funds from	les lois. <u>Article 37 : Valeur du franc</u> La valeur du franc en devises étrangères est déterminée conformément à la stratégie de la politique monétaire définie par la BNR. Toutefois, lorsque des circonstances exceptionnelles sont susceptibles d'entraîner une spéculation excessive sur le franc, la BNR fixe le taux de change du franc pour une période donnée. <u>Article 38 : Privilège de gérer le franc</u> La BNR a le privilège exclusif de gérer le franc au nom de l'État. <u>Article 39 : Limitation de l'échange des billets et des pièces</u> (1) L'échange des billets de banque est illimité. (2) Le pouvoir libératoire des pièces est limité pour chaque type de pièces à 100 fois la valeur faciale unitaire, sauf en cas d'acceptation par le créancier de pièces dont la valeur dépasse ce montant. Toutefois, les pièces sont acceptées sans limitation par la BNR, par les
--	---	--

ubaho kuri BNR, ku isanduku za Leta, ku mabanki cyangwa ku bindi bigo by'imari byakira amafaranga ya rubanda. <u>Ingingo ya 40: Ihindurwa ry'amafaranga n'uko ritangazwa</u> (1) BNR ishobora gutanga ibitekerezo bijyanye no guhindura inoti cyangwa ibiceri byakoreshezwaga. (2) Iteka rya Perezida rihindura inoti, ibiceri cyangwa ubundi bwoko bw'amafaranga bwakoreshezwaga kandi rigena igihe izo noti, ibiceri cyangwa ubundi bwoko bw'amafaranga bizaba bitagifite agaciro. <u>Iciviro cya 2: Imicungire y'amadovize</u> <u>Ingingo ya 41: Ibikorwa byemewe</u> BNR, mu rwego rwo guhora yizigamye amafaranga y'amanyamahanga no gucunga amadovize ishobora – (a) kugura, kugurisha, kubika, kuguriza no kuguza amadovize mu buryo	the public. <u>Article 40: Demonetisation of currency and modalities of its publication</u> (1) The NBR may propose the demonetisation of banknotes or coins with legal tender. (2) A Presidential Order demonetises banknotes, coins or any other form of currency with legal tender and specifies the time on which the banknotes, coins or any other form of currency cease to be legal tender. <u>Section 2: Foreign reserves management</u> <u>Article 41: Authorised transactions</u> For purposes of maintaining international reserves and managing foreign exchange, the NBR may – (a) buy, sell, hold, lend, and borrow foreign currency in any form;	caisses publiques, par les banques ou par les autres institutions financières qui reçoivent des fonds du public. <u>Article 40 : Démonétisation de monnaie et modalités de sa publication</u> (1) La BNR peut proposer la démonétisation des billets de banque ou des pièces de monnaie ayant cours légal. (2) Un arrêté présidentiel démonétise des billets de banque, des pièces de monnaie ou toute autre forme de monnaie ayant cours légal et détermine le temps où ces billets de banque, ces pièces de monnaie ou toute autre forme de monnaie cessent d'avoir cours légal. <u>Section 2 : Gestion des réserves de change</u> <u>Article 41 : Transactions autorisées</u> La BNR, aux fins de maintenir les réserves internationales et de gérer les devises étrangères, peut – (a) acheter, vendre, détenir prêter et emprunter des devises étrangères
--	--	---

arimo bwose; (b) gukora ibikorwa by'ubucuruzi n'amabanki y'ubucuruzi, abafatanyabikorwa mpuzamahanga babyemerewe ndetse n'ibindi bigo by'imari cyangwa imiryango y'imari; (c) gukora imirimo y'igura n'igurisha ikoresheje zahabu, mu nyungu zayo bwite cyangwa mu nyungu z'abandi bantu; (d) kugura, kugurisha cyangwa kubika zahabu y'ifaranga, zahabu itunganyijwe ku buryo ishyirwa mu bubiko cyangwa andi mabuye y'agaciro; (e) gushora amadovize mu bwoko ubwo ari bwo bwose bw'umutungo wemewe gushorwamo, mu ifaranga ryemewe n'urwego rwemewe, nk'uko biteganywa na politiki yayo y'ishoramari n'imirongo ngenderwaho bihuye n'iri tegeko; (f) gufungura konti iyo ari yo yose no kubika amadovize mu bafatanyabikorwa bemewe bo mu mahanga cyangwa bo mu gihugu;	(b) engage in transactions with commercial banks, eligible foreign counterparties, and other financial institutions or agencies; (c) carry out transactions in gold, for its own interest or for the interest of third parties; (d) buy, sell or hold monetary gold, bullion or other precious metals; (e) invest in foreign currency in any eligible asset class, currency and sector as determined by its investment policy and guidelines consistent with this Law; (f) open any account and hold balances in foreign currency with eligible foreign or domestic counterparties;	sous toutes leurs formes ; (b) effectuer des transactions avec les banques commerciales, des contreparties étrangères éligibles ainsi qu'avec d'autres institutions ou agences financières ; (c) réaliser des transactions en or, pour son propre intérêt ou pour l'intérêt des tiers ; (d) acheter, vendre ou détenir de l'or monétaire, des lingots d'or ou d'autres métaux précieux ; (e) investir en devises étrangères dans toute classe d'actifs, monnaie et secteur éligibles, tel que déterminé par sa politique d'investissement et ses lignes directrices conformes à la présente loi ; (f) ouvrir n'importe quel compte et détenir des soldes en devises étrangères auprès de contreparties étrangères ou nationales éligibles ;
--	--	---

(g) gukora ibikorwa byo gutera inkunga ubucuruzi no gutanga cyangwa kwakira ingwate zitanzwe mu madovize. <u>Ingingo ya 42:</u> Imitunganyirize y'isoko ry'ivunjisha BNR ishinze imitunganyirize n'imicungire y'isoko ry'ivunjisha. Ishyiraho amabwiriza agenga iryo soko, ikanakurikirana ko yubahirizwa. <u>Ingingo ya 43:</u> Imicungire y'ingaruka z'imihindagurikire y'agaciro k'ifaranga (1) Inyungu n'ibihombo bikomoka ku bikorwa by'ivunjisha byandikwa mu nyandiko y'inyungu n'igihombo ya BNR. (2) Inyungu n'ibihombo bitaragaragara bituruka ku ishyirwaho ry'agaciro gashya k'umutungo w'amadovize cyangwa imyenda BNR ifitiye amahanga bigaragara mu ifoto y'umutungo wa BNR kubera impinduka zo mu buryo bw'ivunjisha cyangwa ihindagurika ry'agaciro k'ifaranga, byandikwa muri konti yihariye yitwa «Konti y'imihindagurikire y'amadovize»	(g) carry out trade finance transactions and issue or accept guarantees denominated in foreign currencies. <u>Article 42:</u> Foreign exchange market organisation The NBR is responsible for the organisation and management of the foreign exchange market. It issues regulations and directives governing the market and ensures their enforcement. <u>Article 43:</u> Management of exchange rate fluctuations (1) Foreign exchange gain and loss resulting from exchange transactions are recognised in the statement of profit or loss of the NBR. (2) Unrealised gains or losses arising from a revaluation of reserve exchange holdings or international commitments recorded in the NBR balance-sheet, due to changes in the foreign exchange system or in the exchange value of the franc, is recorded in a special account entitled "Revaluation foreign exchange Account" provided for in Article 66.	(g) effectuer des transactions de financement du commerce et émettre ou accepter des garanties libellées en devises étrangères. <u>Article 42 :</u> Organisation du marché des changes La BNR est chargée de l'organisation et de la gestion du marché des changes. Elle établit les règlements régissant ce marché et assure leur mise en application. <u>Article 43 :</u> Gestion des fluctuations des taux de change (1) Les gains et pertes de change résultant des opérations de change sont comptabilisés dans l'état du résultat net de la BNR. (2) Les gains ou les pertes non réalisés résultant d'une réévaluation des avoirs de réserve de change ou des engagements internationaux inscrits au bilan de la BNR, en raison des changements dans le système de change ou de la valeur de change du franc, sont enregistrés dans un compte spécial intitulé « Compte de réévaluation des devises » prévu à l'article 66.
---	---	---

iteganyijwe mu ngingo ya 66. (3) BNR ibarura inyungu cyangwa igihombo byaturutse ku ishyirwaho ry'agaciro gashya k'umutungo cyangwa imyenda, hakurikijwe ibipimo mpuzamahanga ngenderwaho mu gutegura raporo z'imari. <u>Icyiciro cya 3: Ibikorwa ku isoko ry'amafaranga</u> <u>Ingingo ya 44: Imitunganyirize y'isoko ry'amafaranga</u> (1) BNR ishyiraho amabwiriza n'amabwiriza yihariye byerekeye imitunganyirize n'imikorere by'isoko ry'amafaranga ikanashyira ahagaragara ibigo byemerewe gukorera kuri iryo soko n'ibyemerewe gucururizwaho. (2) BNR yita ku migendekere myiza y'imirimo amabanki akorana hagati yayo ku isoko ry'amafaranga ikanagenzura ibikorwa by'ayo mabanki.	(3) The NBR accounts for the revaluation gains or losses in line with international financial reporting standards. <u>Section 3: Interventions on money market</u> <u>Article 44: Organisation of money market</u> (1) The NBR sets regulations and directives pertaining to the organisation and functioning of the money market. It also designates specific agencies authorised to intervene in the market and specifies the instruments that may be negotiated therein. (2) The NBR ensures the smooth operation of the interbank market and supervises the interbank operations.	(3) La BNR comptabilise les gains ou les pertes de réévaluation conformément aux normes internationales d'information financière. <u>Section 3 : Interventions sur le marché monétaire</u> <u>Article 44 : Organisation du marché monétaire</u> (1) La BNR établit les règlements et les directives sur l'organisation et sur le fonctionnement du marché monétaire et désigne les organismes habilités à y intervenir et les instruments qui peuvent y être négociés. (2) La BNR veille à la bonne marche du marché interbancaire et assure la supervision des opérations interbancaires.
--	--	---

<u>Ingingo ya 45: Ibikorwa bya BNR ku isoko ry'amafaranga</u>	<u>Article 45: Interventions of the NBR on money market</u>	<u>Article 45 : Interventions de la BNR sur le marché monétaire</u>
(1) BNR ishobora kugira uruhare ku isoko ry'amafaranga ku mpamvu zo kuguriza, kuguza, cyangwa kugura no kugurisha umutungo mvunjwafaranga ushobora kuzongera kugurishwa binyuze mu masezerano, ubwiteganyirize bwa pansiyi bukorwa na Leta cyangwa abikorera cyangwa izindi mpapuro zicuruzwa. (2) Imirimo iteganyijwe mu gika cya (1) ntigomba gukorwa mu nyungu z'isanduku ya Leta cyangwa indi miryango ishyiraho inyandiko z'agaciro. (3) Ku mpamvu zijyanye na politiki y'ifaranga, BNR ishobora kugura, gutunga no kugurisha inyandiko z'agaciro zishyirwa ku isoko na Leta cyangwa inzego zayo. icyakora, ubwo buguzi ntibukorwa mu rwego rwo gutera inkunga icyuho cy'ingengo y'imari ya Leta, kandi bukorwa ku isoko rya kabiri ku giciro cy'isoko. (4) BNR ishobora kandi kugura no kugurisha impapuro zayo z'agaciro	(1) The NBR may intervene in the money market for purposes of lending and borrowing, or buying and selling liquid assets, including through repurchase agreements, pension of public or private effects or other negotiable instruments. (2) The transactions provided for in Paragraph (1) cannot be made for the benefit of the Public Treasury or other securities issuing agencies. (3) For monetary policy purposes, the NBR may purchase, hold and sell securities issued by the Government or its agencies. However, those purchases are not intended to finance any Government budget deficit, and they are made on the secondary market at market rates. (4) The NBR may also purchase and sell its own negotiable monetary	(1) La BNR peut intervenir sur le marché monétaire à des fins de prêt et d'emprunt, ou d'achat et de vente d'actifs liquides, y compris par le biais d'accords de rachat, de nantissement de titres publics ou privés, ou d'autres instruments négociables. (2) Les opérations prévues au paragraphe (1) ne peuvent être effectuées au profit du Trésor public ou d'autres organismes qui émettent des titres. (3) À des fins de politique monétaire, la BNR peut acheter, détenir et vendre des titres émis par le Gouvernement ou ses agences. Toutefois, ces achats ne sont pas effectués pour financer un déficit budgétaire du gouvernement et sont effectués sur le marché secondaire aux taux du marché. (4) La BNR peut également acheter et vendre ses propres titres monétaires

zishobora gucuruzwa ku isoko. UMUTWE WA V: IMIKORANIRE YA BNR N'IBINDI BIGO <u>Iciviro cya mbere:</u> Imikoranire na Leta, inzego za Leta n'inzego mpuzamahanga <u>Ingingo ya 46:</u> Imicungire ya Konti za Leta (1) BNR ikora imirimo yerekeranye no kubika no kubikuza amafaranga ya Leta, kuguza no kwishyura imyenda yayo. Icunga nta kiguzi mu bitabo byayo, konti isanzwe y'isanduku ya Leta hakurikijwe amasezerano igirana na minisiteri ifite imari mu nshingano zayo. (2) Bisabwe na Minisitiri ufite imari mu nshingano, BNR ishobora gufungura izindi konti za Leta zigengwa n'amategeko yihariye. (3) Amafanga ari kuri konti ziteganyijwe mu gika cya (1) n'icya (2) ntabyara inyungu.	securities. CHAPTER V: RELATIONSHIP OF THE BNR WITH OTHER INSTITUTIONS <u>Section One:</u> Relations with the Government, public and international bodies <u>Article 46:</u> Management of State accounts (1) The BNR performs transactions relating to banking and withdrawing State funds, borrowing and paying its debts. It keeps free of charge in its books, the Public Treasury current account according to an agreement concluded with the ministry in charge of finance. (2) On the request of the Minister in charge of finance, the BNR may open other State accounts governed by special provisions. (3) The credit balances of accounts provided for in Paragraphs (1) and (2) are not interest-bearing.	négociables. CHAPITRE V : RELATIONS DE LA BNR AVEC D'AUTRES INSTITUTIONS <u>Section première :</u> Rapports avec le Gouvernement, les organismes publics et internationaux <u>Article 46 :</u> Gestion des comptes de l'État (1) La BNR effectue les opérations en rapport avec le dépôt et le retrait de fonds de l'État, l'emprunt et le paiement de ses dettes. Elle tient gratuitement dans ses livres le compte courant du Trésor public dans le cadre d'une convention passée avec le ministère ayant les finances dans ses attributions. (2) À la demande du Ministre ayant les finances dans ses attributions, la BNR peut ouvrir d'autres comptes de l'État régis par des dispositions spéciales. (3) Les soldes créditeurs prévus aux paragraphes (1) et (2) ne sont pas productifs d'intérêts.
---	--	--

<u>Ingingo va 47: Inyandiko nyemezamwenda za Leta z'imbere mu Gihugu</u> BNR igira uruhare mu gushyiraho no gukwirakwiza inyandiko nyemezamwenda za Leta z'imbere mu gihugu ku nyungu za Leta, hakurikijwe amasezerano yagiranye na minisiteri ifite imari mu nshingano. <u>Ingingo ya 48: Inguzanyo zihabwa Leta</u> (1) BNR ntishobora guha Leta inguzanyo, keretse inguzanyo z'ingoboka z'ako kanya mu gihe havutse icyuho hagati y'amafaranga yinjira n'asohoka mu isanduku ya Leta kugira ngo ishobore gukomeza gukora neza. Izo nguzanyo z'ingoboka ntizishobora kurenga 11% by'amafaranga Leta iba yinjije mu mwaka w'ingengo y'imari ubanza. (2) BNR ifata kuri uwo mwenda uvugwa mu gika cya (1) inyungu zibarwa hakurikijwe ikigereranyo cy'inyungu zibarwa buri munsu ku isoko ry'amabanki. (3) Leta yishyura, ikoresheje amafaranga, inguzanyo z'ingoboka	<u>Article 47: Domestic government debt securities</u> The NBR participates in the issuance and distribution of domestic government debt securities on behalf of the Government according to an agreement concluded with the ministry in charge of finance. <u>Article 48: Loans to the State</u> (1) The NBR may not grant loans to the State, except direct advances if the gap may occur between public revenue and public expenditure in the Public Treasury in order to ensure its smooth functioning. The direct advances may not exceed 11% of the State current revenue collected during the previous financial year. (2) The NBR levies on the debit mentioned under Paragraph (1) interests computed at the daily average rate of the interbank market. (3) The State repays, in cash, advances loaned to it by the NBR within the	<u>Article 47 : Titres de créance publique intérieure</u> La BNR participe à l'émission et à la distribution des titres de créance publique intérieure pour le compte de l'État, conformément à un accord conclu avec le ministère ayant les finances dans ses attributions. <u>Article 48 : Prêts à l'État</u> (1) La BNR ne peut pas consentir à l'État des prêts sauf des avances directes lorsqu'il existe des décalages entre les recettes et les dépenses publiques dans le Trésor public afin d'assurer son fonctionnement régulier. Ces avances directes ne peuvent pas être supérieures 11% des recettes ordinaires de l'État réalisées au cours de l'exercice précédent. (2) La BNR perçoit sur les soldes débiteurs mentionnés au paragraphe (1) des intérêts calculés au taux quotidien moyen du marché interbancaire. (3) L'État rembourse, en espèces, les avances qui lui ont été accordées
---	--	--

yagurijwe na BNR mu mwaka w'ingengo y'imari yatanzwemo. <u>Ingingo ya 49:</u> Imicungire ya konti zisanzwe z'izindi nzego (1) BNR ishobora gufungurira no gucungira konti zisanzwe ikigo cya Leta n'inzego za Leta, banki nkuru z'ibindi bihugu, imiryango mpuzamahanga cyangwa abahagarariye ibihugu byabo bemewe mu Rwanda. (2) Konti ziteganyijwe mu gika cya (1) ntizishobora kugira umwenda kandi amafaranga ari kuri izi konti ntabyara inyungu. <u>Ingingo ya 50:</u> Uruhare rwa BNR mu mikoranire ya Leta n'imiryango mpuzamahanga y'imari (1) BNR yunganira ubutegetsi bwite bwa Leta mu mikoranire yabwo n'imiryango mpuzamahanga y'imari kandi ishobora kubuhagararira muri iyo miryango no mu nama mpuzamahanga.	same financial year in which they are granted. <u>Article 49:</u> Management of current accounts of other institutions (1) The NBR may open and keep current accounts for any public institution, State organs, foreign central banks, international organisations or diplomatic missions accredited in Rwanda. (2) Accounts provided for in Paragraph (1) cannot post a debit balance, and credit balances on these accounts are not interest bearing. <u>Article 50:</u> Role of the NBR in relations between the State and international financial organisations (1) The NBR assists the central government in its relations with international financial organisations and may also represent it both in these organisations and international conferences.	par la BNR au cours du même exercice financier au cours duquel elles ont été consenties. <u>Article 49 :</u> Gestion des comptes courants d'autres institutions (1) La BNR peut ouvrir et tenir les comptes courants pour toute institution publique et organes de l'État, des banques centrales étrangères, des organismes internationaux ou de représentations diplomatiques accréditées au Rwanda. (2) Les comptes prévus au paragraphe (1) ne peuvent pas présenter un solde débiteur, et les soldes créditeurs de ces comptes ne portent pas d'intérêts. <u>Article 50 :</u> Rôle de la BNR dans les relations entre l'État et les organisations financières internationales (1) La BNR assiste le gouvernement central dans ses relations avec les organisations financières internationales et peut également le représenter dans ces organisations et lors des conférences internationales.
---	---	---

(2) BNR ifatanyije n’ubutegetsu bwite bwa Leta, ikurikirana kandi ikaba yanahagararira Leta mu mirimo yo kwakira cyangwa gutanga inguzanyo zo hanze. (3) BNR yunganira Leta mu kumvikana ku masezerano mpuzamahanga yo kwishyurana, yo kuvunjisha no guhuza imyenda ikanayashyira mu bikorwa. <u>Ingingo ya 51: Amasezerano y’ubufatanye BNR igirana n’inzego zo mu mahanga bihuje inshingano</u> BNR ishobora kugirana amasezerano y’ubufatanye na za banki nkuru z’ibindi bihugu, inzego zishinzwe igenzura n’izishinzwe gushyiraho amabwiriza atunganya amasoko y’imari yo mu bindi bihugu ndetse n’imiryango mpuzamahanga. <u>Iciviro cya 2: Imikoranire ya BNR n’amabanki n’ibindi bigo by’imari byo mu Rwanda</u>	(2) The NBR, in collaboration with the central government, participates in the negotiations of receiving or granting foreign loans and may represent the State in those negotiations. (3) The NBR assists the State in the negotiations of international payments, foreign exchange and clearing agreements and is responsible for their implementation. <u>Article 51: Cooperation agreements between the NBR and foreign institutions with similar mission</u> The NBR may engage in cooperation agreements with foreign central banks, foreign supervisory organs, foreign regulators and international institutions. <u>Section 2: Relations of the NBR with banks and other financial institutions in Rwanda</u>	(2) En collaboration avec le gouvernement centrale, la BNR participe aux négociations sur les prêts et emprunts extérieurs et peut représenter l’État dans ces négociations. (3) La BNR assiste l’État dans la négociation des accords internationaux de paiement, de change et de compensation et est chargée de leur exécution. <u>Article 51 : Accords de coopération entre la BNR et les institutions étrangères ayant une mission similaire</u> La BNR peut conclure des accords de coopération avec les banques centrales étrangères, avec les organes étrangers de supervision, avec les régulateurs étrangers et avec les institutions internationales. <u>Section 2 : Rapports entre la BNR et les banques et les autres institutions financières au Rwanda</u>
--	--	---

<u>Ingingo ya 52: Imicungire ya konti z’andi mabanki n’ibigo by’imari</u> BNR, ikurikije ibisabwa igena, ishobora gufungurira no gucungira konti amabanki cyangwa ibindi bigo by’imari. <u>Ingingo ya 53: Ihwanyabwishyu</u> BNR, ifatanyije n’amabanki cyangwa n’ibindi bigo by’imari byabiherewe uburenganzira, ishobora – (a) gutunganya uburyo bw’ihwanyabwishyu kugira ngo yoroshye ihwanyabwishyu ry’inyandiko zo kwishyurana no guhana imyenda; (b) gushyiraho amabwiriza yihariye arebana n’inyandiko zo kwishyurana no guhana imyenda ziteganywa mu gaka ka (a), uburyo zikoreshwa, zikusanywa, zishyurwa n’uko zitishyurwa, akanagena imikorere y’ibindi bigo bishinzwe isuzuma n’iyishyurana BNR iha uburenganzira bwo gukora isuzuma ry’iyishyurana; (c) gushyiraho uburyo bw’ikoranabuhanga bwo kurangiza	<u>Article 52: Management of accounts of other banks and other financial institutions</u> The NBR, under the conditions it determines, may open and maintain accounts for banks or other financial institutions. <u>Article 53: Clearing</u> The NBR, in conjunction with banks or any other authorised financial institutions, may– (a) organise a clearing house to facilitate the clearing of payment and credit instruments; (b) issue directives concerning payment and credit instruments provided for in Subparagraph (a), their processing, collection, payment and retention and determining the functioning of other clearing houses that NBR may entrust with the task of examining payments; (c) establish an electronic system, as it considers appropriate, for the	<u>Article 52 : Gestion des comptes d’autres banques et d’autres institutions financières</u> La BNR, à des conditions qu’elle fixe, peut ouvrir et tenir des comptes des banques ou d’autres institutions financières. <u>Article 53 : Compensation</u> La BNR, conjointement avec les banques ou autres institutions financières qui en ont reçu l’autorisation, peut – (a) organiser une chambre de compensation pour faciliter la compensation des instruments de paiement et de crédit ; (b) édicter des directives concernant les instruments de paiement et de crédit prévus à l’alinéa (a), leur traitement, leur collecte, leur paiement et leur conservation ainsi que le fonctionnement d’autres chambres de compensation auxquelles la BNR peut confier la mission d’évaluer les paiements ; (c) mettre en place un système électronique qu’elle juge appropriée
---	--	---

imirimo y'imyishyuranire irebana n'inyandiko z'agaciro ibona ko bukwiranye n'uburyo, kandi ikagira uruhare mu bundi buryo mu kurangiza iyo mirimo; (d) gushyiraho amabwiriza n'amabwiriza yihariye ajyanye n'uburyo bw'ihwanyabwishyu n'u bw'imyishyuranire. <u>Ingingo ya 54: Amafaranga atagibwa muni</u> (1) BNR ishobora gusaba ikigo cy'imari guhora kizigamye igipimo kitagibwa muni cy'amafaranga agenwa na BNR, hashingiwe ku mubare w'amafaranga yose abitswe cyangwa imyenda y'ikigo cy'imari. (2) Igipimo kitagibwa muni cy'amafaranga abitswe yavuzwe mu gika cya (1) agizwe n'amafaranga ikigo cy'imari bireba kubitse kandi akaba ashobora no kubarirwamo inoti n'ibiceri bibitswe mu mitamenwa y'amabanki cyangwa ikigo cy'imari cyakira amafaranga abitswa. (3) BNR ihanisha ikigo cy'imari kitubahirije guhora gifite igipimo	settlement of payments and securities and may also participate in their settlement by other means; (d) set up regulations and directives relating to clearing and payment system. <u>Article 54: Required reserves</u> (1) The NBR may require a financial institution to maintain minimum cash balances as may be specified by the NBR in respect to total deposits or other liabilities of the financial institution. (2) The minimum cash balances under Paragraph (1) consist of balances held with the financial institution, and may also include currency notes and coins in the vaults of banks or any deposit- taking institution. (3) The NBR imposes on a financial institution that fails to maintain the	pour le règlement des paiements et des titres et participe par d'autres moyens dans le règlement de tels paiements et titres ; (d) établir des règlements et des directives relatifs au système de compensation et de paiement. <u>Article 54 : Réserves obligatoires</u> (1) La BNR peut exiger une institution financière de maintenir un solde minimum déterminé par la BNR en ce qui concerne le total des dépôts ou d'autres passifs de l'institution financière. (2) Le solde minimum spécifié au paragraphe (1) comprend le solde détenu par l'institution financière et peut également inclure les billets et les pièces gardés dans les coffres des banques ou de toute institution financière qui collecte les dépôts du public. (3) La BNR impose à une institution financière qui omet de maintenir le
---	--	---

kitagibwa muni cy'amafaranga ategetswe, ihazabu y'amafaranga ku gipimo cy'inyungu igena. (4) Igipimo kitagibwa muni cy'amafaranga abitswe giteganyijwe mu gika cya (1) ntigishobora gufatirwa, keretse BNR ibigennye ukundi. <u>Ingingo ya 55: Itangwa ry'inguzanyo</u> (1) BNR, gusa mu rwego rwo gukora imirimo yayo yerekeye politiki y'ifaranga n'ukutajegajega k'urwego rw'imari, ishobora gutanga inguzanyo z'ingoboka cyangwa inguzanyo ku mabanki n'ibindi bigo by'imari bigenzurwa na yo. (2) Inguzanyo n'inguzanyo z'ingoboka ziteganyijwe mu gika cya (1) zigomba kuba zishingiwe n'ingwate ikwiye yemejwe na BNR. Amabwiriza yihariye akena ibindi bisabwa mu itangwa ry'izo nguzanyo n'inguzanyo z'ingoboka. (3) Ubufasha bwo guhangana n'ibibazo by'amafaranga buhabwa gusa ikigo cy'imari gifite ubushobozi bwo kwishyura ariko cyagize ikibazo cyo	minimum cash balances a penalty charge at an interest rate that it determines. (4) The minimum cash balance provided for in Paragraph (1) is not subject to attachment or seizure, except otherwise decided by the NBR. <u>Article 55: Granting of loans</u> (1) The NBR, solely for the purpose of implementing its monetary policy and ensuring financial stability, may provide advances or loans to banks and other financial institutions under its supervision. (2) The loans and advances provided for in Paragraph (1) are secured by adequate collateral approved by the NBR. A directive may determine other conditions for granting the loans and advances. (3) Emergency liquidity assistance is provided only to solvent but temporarily illiquid financial institutions, on a short-term basis,	solde minimum, une pénalité à un taux qu'elle détermine. (4) Le solde minimum prévu au paragraphe (1) ne peut pas faire l'objet de séquestres ou de saisies, sauf quand la BNR en décide autrement. <u>Article 55 : Octroi de prêts</u> (1) La BNR, uniquement aux fins de l'exercice de ses fonctions de politique monétaire et de stabilité financière, peut accorder des avances ou des prêts aux banques et aux autres institutions financières placées sous sa supervision. (2) Les prêts et les avances prévus au paragraphe (1) doivent être garantis par des garanties adéquates approuvées par la BNR. Une directive détermine d'autres conditions relatives à l'octroi de tels prêts et avances. (3) L'assistance de liquidité d'urgence ne peut être fournie qu'à une institution financière solvable mais temporairement illiquide, sur
---	--	--

kubura amafaranga by'igihe gito, kandi bugatangwa mu igihe kigufi ndetse bukishyurirwa amafaranga y'ibihano. <u>Icyiciro cya 3: Ibanga mu bikorwa bya BNR</u> <u>Ingingo ya 56: Kugira ibanga</u> (1) Abagize Inama y'Ubuyobozi, abakozi ba BNR n'undi wese wamenye ibanga, haba mu gihe bakora imirimo yabo muri BNR cyangwa mu bundi buryo, bagomba kugira ibanga. (2) Kutubahiriza ibiteganywa mu gika cya (1) bihanishwa ibihano biteganywa n'amategeko abigenga. (3) Abantu bateganyijwe mu gika cya (1) ntibahanirwa kumena ibanga ry'akazi iyo – (a) gutangaza amakuru y'ibanga bikoze mu rwego rwo kuzuza inshingano z'akazi hubahirijwe ibiteganywa n'iri tegeko;	against adequate collateral and at a penalty rate. <u>Section 3: Confidentiality in the NBR operations</u> <u>Article 56: Duty of confidentiality</u> (1) Members of the Board of Directors, the staff of the NBR, and any other person who acquires confidential information, whether while performing their duties at NBR or otherwise, are bound by a duty of confidentiality. (2) Non-compliance with the provisions of Paragraph (1) is punishable under applicable laws. (3) Persons provided for in Paragraph (1) are not punished for disclosing professional secrecy if – (a) the disclosure of confidential information is made for the performance of their duties under this Law;	une base de court terme et moyennant une commission. <u>Section 3 : Secret dans les opérations de la BNR</u> <u>Article 56 : Obligation au secret</u> (1) Les membres du Conseil d'Administration, le personnel de la BNR et l'autre personne ayant pris connaissance des informations confidentielles, que ce soit dans le cadre de leurs fonctions à la BNR ou autrement, sont tenus au secret. (2) Le non-respect des dispositions de paragraphe (1) est passible des sanctions prévues par les lois en la matière. (3) Les personnes prévues au paragraphe (1) ne sont pas punies pour avoir violé le secret professionnel lorsque – (a) la divulgation des informations confidentielles est faite dans le cadre de l'exercice de ses fonctions conformément à la présente loi ;
---	--	---

(b)gutangaza amakuru y'ibanga bikoze mu rwego rwo kubahiriza amasezerano BNR yagiranye n'ikindi kigo gishinzwe ubugenzuzi gikwiye kuyahabwa; (c)gutangaza amakuru y'ibanga byategetswe n'icyemezo cy'urukiko; (d)cyangwa gutangaza amakuru byemejwe n'Inteko Ishinga Amategeko. (4) BNR ishobora guha amakuru y'ibanga urwego rw'ubutegetsi rwa Leta, urwego rushinzwe kubahiriza amategeko n'urundi rwego rwose hakurikijwe amategeko abigenga. <u>Ingingo ya 57: Ihererekanya ry'amakuru y'ibanga</u> BNR ifite uburenganzira bwo guhanahana amakuru y'ibanga n'ikigo cyo mu mahanga gikora imirimo nk'iyayo, banki yo mu kindi gihugu, urwego rushinzwe ubugenzuzi, urwego rwo mu mahanga rushinzwe gushyiraho amabwiriza agenga imari ndetse n'undi muryango mpuzamahanga, ishingiyeye ku nshingano yo kubika ibanga izo nzego	(b) the disclosure of confidential information is made to meet the requirements of an agreement or understanding reached by the NBR with any other relevant supervisory institution; (c) the disclosure of confidential information is instructed by a court order; or (d) the disclosure of information is approved by the Parliament. (4) The NBR may provide confidential information to a public sector agency, law enforcement agency and any other agency in accordance with relevant laws. <u>Article 57: Exchange of confidential information</u> The NBR may share confidential information with a foreign institution having a similar mission, foreign bank, supervisory authority, foreign financial regulator, and international institution, subject to confidentiality obligations of the receiving entities.	(b) la divulgation des informations confidentielles est faite pour satisfaire aux exigences d'un accord conclu par la BNR avec une autre institution de supervision appropriée; (c) la divulgation des informations confidentielles est ordonnée par l'ordonnance d'une juridiction ; ou (d) la divulgation des informations est approuvée par le Parlement. (4) La BNR peut fournir les informations confidentielles, à une institution du secteur public, à une institution chargée de l'exécution de la loi et à tout autre organisme conformément à la loi applicable. <u>Article 57 : Échange d'informations confidentielles</u> La BNR peut partager des informations confidentielles avec une institution étrangère ayant une mission similaire, avec une banque étrangère, avec une institution de supervision, avec un régulateur financier étranger et avec une institution internationale, sous réserve des obligations de confidentialité des entités destinataires.
---	---	---

zihabwa amakuru zifite. <u>UMUTWE WA VI: UBUSONERWE</u> <u>Ingingo ya 58:</u> Gusonera imisoro BNR BNR ifatwa nka Leta mu bijyanye no gusonerwa imisoro. <u>Ingingo ya 59:</u> Gusonerwa ingwate n'amagarama y'urukiko Mu rubanza, BNR isonerwa gutanga ingwate. Isonerwa kandi amagarama y'urukiko cyangwa andi mafaranga agenewe isanduku ya Leta. <u>Ingingo ya 60:</u> Umutekano w'umutungo wa BNR Leta yishingira umutekano w'inyubako n'umutungo bya BNR ikanayigenera abashinzwe umutekano ikeneye bo kurinda abimura amafaranga cyangwa inyandiko z'agaciro nta kiguzi. Icyakora, iyo bibaye ngombwa, BNR ishobora kwiambaza izindi nzobere mu byerekeye umutekano. <u>UMUTWE WA VII: UMUTUNGO N'IMARI</u>	<u>CHAPTER VI: EXEMPTION</u> <u>Article 58:</u> Tax exemption applicable to the NBR The NBR is treated as the State in terms of tax exemption. <u>Article 59:</u> Exemption from security and court fees In the course of legal proceedings, the NBR is exempt from providing security. It is also exempt from court fees and other fees intended for the Public Treasury. <u>Article 60:</u> Security of the NBR property The State provides, free of charge, security and protection of the premises and properties of the NBR, as well as the necessary security escorts for the transfer of funds or securities. However, if it considers it necessary, the NBR may seek assistance from other security experts. <u>CHAPTER VII: PROPERTY AND FINANCE</u>	<u>CHAPITRE VI : EXONÉRATION</u> <u>Article 58 :</u> Exonération fiscale applicable à la BNR La BNR est considérée comme l'État en matière d'exonération fiscale. <u>Article 59 :</u> Exonération de caution et des frais de justice Dans le cadre de la procédure judiciaire, la BNR est dispensée de fournir la caution. Elle est également exonérée des frais de justice et d'autres frais destinés au Trésor Public. <u>Article 60 :</u> Sécurité des biens de la BNR L'État assure gratuitement la sécurité et la protection des immeubles et des biens de la BNR et fournit sans frais les escortes nécessaires à la sécurité des transferts de fonds ou des titres. Toutefois, en cas de besoin, la BNR peut faire recours à d'autres experts en sécurité. <u>CHAPITRE VII : PATRIMOINE ET FINANCES</u>
--	--	---

<u>Ingingo ya 61:</u> Agaciro ntarengwa mu byerekeye ishoramari rya BNR Agaciro k’umutungo utimukanwa wa BNR, ak’ishoramari, ak’inyandiko z’agaciro zigurizwaho mu gihe giciriritse n’ikirekire zatanzwe cyangwa zishingiwe na Leta cyangwa izanditswe ku isoko ry’imigabane ntigashobora kurenza amafaranga yose y’umutungo bwite wa BNR. <u>Ingingo ya 62:</u> Umwaka w’ingengo y’imari, iyemezwa n’itangazwa by’imiterere ya konti (1) Umwaka w’ingengo y’imari wa BNR utangira ku itariki ya 01 Nyakanga buri mwaka ukarangira ku itariki ya 30 Kamena y’umwaka ukurikira. (2) BNR yemeza imiterere ya konti zayo ikanazitangaza mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda nyuma ya buri gihembwe. (3) Ibaruramari rya BNR rikorwa hubahirizwa ibipimo mpuzamahanga ngenderwaho mu gutegura raporo z’imari.	<u>Article 61:</u> Restrictions on the NBR investments The value of immovable assets, investments, and the book value of medium- and long-term debt securities issued or guaranteed to the NBR by the State or listed on the stock market may not exceed the total amount of the NBR own funds. <u>Article 62:</u> Financial year, approval and publication of the status of accounts (1) The NBR financial year begins on 01 July of each year and ends on 30 June of the following year. (2) The NBR approves the status of its accounts and publishes them in the Official Gazette of the Republic of Rwanda at the end of each quarter. (3) The NBR accounts are carried out in accordance with international financial reporting standards.	<u>Article 61</u> : Limitations aux investissements de la BNR La valeur comptable des immeubles, les titres de placements de la BNR et les titres d’emprunt à moyen et à long terme lui émis ou garantis par l’État ou cotés en bourse ne peuvent pas dépasser le montant des fonds propres de la BNR. <u>Article 62</u> : Exercice financier, approbation et publication des comptes (1) L’exercice financier de la BNR commence le 01 juillet de chaque année et se termine le 30 juin de l’année suivante. (2) La BNR arrête la situation de ses comptes et en assure la publication au Journal Officiel de la République du Rwanda à la fin de chaque trimestre. (3) Les comptes de la BNR sont tenus conformément aux normes internationales d’information financière.
---	--	---

<u>Ingingo ya 63: Ubugenzuzi bwite</u>	<u>Article 63: Internal Audit</u>	<u>Article 63 : Audit interne</u>
(1) Urwego rw'ubugenzuzi bwite bwa BNR rukora mu buryo bwigenga kandi bugamijwe gufasha BNR kugera ku bigamijwe kugerwaho mu igenamigambi ryayo, kurinda umutungo wayo no kunoza imicungire y'ibyateza ingorane, uburyo bw'imikorere n'imiyoborere. (2) Urwego rw'ubugenzuzi bwite bwa BNR rutanga raporo mu buryo bw'imikorere ku Nama y'Ubuyobozi naho mu buryo bw'ubuyobozi rukayitanga ku Buyobozi. (3) Urwego rw'ubugenzuzi bwite bwa BNR rukurikiza amahame mpuzamahanga ngenderwaho agenga ubugenzuzi bwite. (4) Inama y'Ubuyobozi ishira inyandiko ikubiyemo ibikorwa by'ubugenzuzi bwite ku buryo burambuye n'uburyo bwo gutanga raporo, hubahirizwa n'amahame mpuzamahanga.	(1) The NBR internal audit department operates independently and objectively to support the NBR in achieving its strategic objectives, safeguarding its assets, and enhancing the effectiveness of its risk management, internal control, and governance processes. (2) The NBR internal audit department reports functionally to the Board of Directors and administratively to the Management. (3) The NBR internal audit department adheres to the international internal audit standards. (4) The Board of Directors adopts an internal Audit Charter that sets out the details of the internal audit activities and reporting procedures in accordance with international standards.	(1) Le service d'audit interne de la BNR fonctionne de manière indépendante et objective afin de soutenir la Banque dans la réalisation de ses objectifs stratégiques, la sauvegarde de ses actifs et l'amélioration de l'efficacité de la gestion des risques, du contrôle interne et du processus de gouvernance. (2) Le service d'audit interne de la BNR rend compte fonctionnellement au Conseil d'Administration et administrativement à la Direction. (3) Le service d'audit interne de la BNR se conforme aux normes internationales d'audit interne. (4) Le Conseil d'Administration adopte la Charte d'audit interne qui régit les activités d'audit interne et les modalités de rendre compte, conformément aux normes internationales.

<u>Ingingo ya 64: Ubugenzuzi bwigenga</u>	<u>Article 64: External Audit</u>	<u>Article 64 : Audit externe</u>
(1) Buri mwaka, BNR itegura ikanohereza Inama y'Ubuyobozi raporo zikurikira kugira ngo izemeze; (a) raporo y'uko imari ihagaze; (b) raporo igaragaza ibyinjiye byose; (c) raporo igaragaza ihinduka ry'imari shingiro; (d) raporo igaragaza amafaranga yinjiye; (e) n'iy'uko inyungu zisaranganywa. (2) Inama y'Ubuyobozi ishyiraho umugenzuzi w'imari wigenga ufite inshingano zo kugenzura no kwemeza konti za buri mwaka w'ingengo y'imari. Umugenzuzi wigenga akora ubugenzuzi hubahirizwa amahame mpuzamahanga ngenderwaho agenga ubugenzuzi bw'imari. (3) Umugenzuzi w'imari wigenga	(1) Each year, the NBR prepares and submits to the Board of Directors for approval the following statements: (a) the statement of financial position; (b) the statement of comprehensive income; (c) the statement of changes in equity; (d) the statement of cash flows; and (e) the statement of income distribution. (2) The Board of Directors appoints an independent auditor with the responsibility of auditing and certifying accounts of each financial year. An independent auditor conducts audits in compliance with the International Standards on Auditing. (3) The independent auditor submits to	(1) Chaque année, la BNR prépare et soumet au Conseil d'Administration pour approbation les rapports suivants : (a) la situation financière ; (b) l'état du résultat global ; (c) l'état des variations des capitaux propres ; (d) l'état des flux de trésorerie ; et (e) l'état de la distribution des revenus. (2) Le Conseil d'Administration nomme un auditeur indépendant ayant pour mission la vérification et la certification des comptes de chaque exercice financier. Un auditeur indépendant effectue des audits conformément aux Normes internationales d'audit. (3) L'auditeur indépendant soumet au

ashyikiriza Inama y'Ubuyobozi raporo y'ubugenzuzi bw'imari y'umwaka w'ingengo y'imari urangiye mu gihembwe cya mbere cy'umwaka ukurikira. (4) Manda y'umugenzuzi w'imari wigenga hakurikijwe ibiteganywa n'igika cya (2) imara igihe cy'imyaka itanu. Iyo umugenzuzi wigenga ashyizweho ku buryo bukurikiranye bwa manda y'imyaka itanu, ntiyemerewe kongera gushyirwaho mbere y'imyaka itatu ibarwa uhereye ku munsu ushinzwe manda ye ya nyuma. <u>Ingingo ya 65:</u> Itangazwa rya raporo y'imari BNR itangaza mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda raporo y'imari n'imikoreshereze y'imari byemejwe n'umugenzuzi w'imari wigenga, mu gihe cy'amezi atandatu akurikira isozwa ry'umwaka w'ingengo y'imari. <u>Ingingo ya 66:</u> Raporo y'ibyakozwe mu mwaka w'ingengo y'imari Mu gihe kitarenze amezi ane akurikira isozwa rya buri mwaka w'ingengo y'imari, Guverineri ageza kuri Perezida wa	the Board of Directors the audit report for the previous financial year in the first quarter of the following year. (4) The term of office of an independent auditor appointed under Paragraph (2) is five years. In the case an auditor is appointed continuously for a period of five years, that auditor is not reappointed before the expiration of a period of three years from the date of termination of their last appointment. <u>Article 65:</u> Publication of financial statements The NBR publishes in the Official Gazette of the Republic of Rwanda financial statements and the use of finances certified by an independent auditor, within six months following the closing of the financial year. <u>Article 66:</u> Annual activity report Within four months following the end of each financial year, the Governor submits to the President of the Republic and both	Conseil d'Administration le rapport d'audit de l'exercice financier écoulé au courant du premier trimestre de l'exercice suivant. (4) Le mandat d'un auditeur indépendant désigné en vertu du paragraphe (2) est de cinq ans. Dans le cas où un auditeur est désigné pour un mandat continu de cinq ans, cet auditeur n'est pas reconduit avant la fin d'une période de trois ans à partir du dernier jour de son dernier mandat. <u>Article 65 :</u> Publication des états financiers La BNR publie au Journal Officiel de la République du Rwanda les états financiers et l'utilisation des finances certifiés par un auditeur indépendant, endéans six mois qui suivent la clôture de l'exercice financier. <u>Article 66 :</u> Rapport annuel d'activités Endéans quatre mois qui suivent la clôture de chaque exercice financier, le Gouverneur présente au Président de la
---	---	--

Repubulika no ku Nteko Ishinga Amategeko, imitwe yombi, raporo y'umwaka y'ibyakozwe, harimo na raporo y'imari y'umwaka w'ingengo y'imari.	Chambers of the Parliament, the annual activity report, including financial statements of the financial year.	République et aux deux Chambres du Parlement, le rapport annuel d'activités, y compris les états financiers de l'exercice financier.
<u>Ingingo ya 67: Iyishyurwa ry'igihombo</u>	<u>Article 67: Amortisation of the loss</u>	<u>Article 67 : Amortissement des pertes</u>
(1) BNR ishyiraho konti zihariye zo kubarura inyungu n'igihombo bitaragaragara bituruka ku mihindagurikire y'ivunjisha n'iy'ibiciro ku isoko ry'ivunjisha ry'amadovize, zahabu, ibikoresho by'imari n'indi mitungo. (2) Iyo konti za BNR z'umwaka zigaragaje igihombo, cyishyurwa hakoreshejwe amafaranga y'ingoboka. Iyo amafaranga y'ingoboka adashobora kwishyura igihombo cyose, BNR isaba Leta kwishyura igice gisigaye binyuze mu kongera umutungo. (3) Nyuma y'amezi atandatu yakiriye ubusabe bwo kongera umutungo, Leta yohereza muri BNR amafaranga akenewe mu buryo bw'amafaranga cyangwa mu mpapuro z'agaciro zibyara inyungu, ku nyungu igenwa n'isoko kandi	(1) The NBR establishes specific accounts for unrealised gains and losses arising from foreign exchange and fluctuations in the market price of foreign currencies, gold, financial instruments, and other assets. (2) If the annual accounts of the NBR indicate a loss, the loss is amortised by charging it on the general reserve fund. If the balance of the general reserve fund does not allow amortizing fully the loss, the NBR applies to the State to pay the outstanding amount through recapitalisation. (3) The State, within six months of receiving the request for recapitalisation, transfers to NBR the required amount in cash or in negotiable interest-bearing securities at market determined interest rates with a fixed maturity date.	(1) La BNR crée des comptes spécifiques pour comptabiliser les gains et pertes non réalisés dus aux fluctuations des taux de change, des prix du marché des devises étrangères, de l'or, des instruments financiers et des autres actifs. (2) Lorsque les comptes annuels de la BNR indiquent une perte, celle-ci est amortie par imputation sur le fonds de réserves générales. Lorsque le solde du fonds de réserves générales ne permet pas de résorber intégralement la perte, la BNR s'adresse à l'État pour que le montant restant soit payé par recapitalisation. (3) Dans les six mois suivant la réception de la demande de recapitalisation, l'État transfère à la BNR le montant requis, soit en espèces, soit sous forme de titres négociables portant intérêt à des taux déterminés par le marché et

zifite itariki ntarengwa yo kwishyurwa. <u>Ingingo ya 68: Inyungu zisaranganywa</u> (1) Inyungu nyayo ya BNR ibarwa hakurikijwe ibipimo mpuzamahanga ngenderwaho mu gutegura raporo z'imari. (2) Inyungu n'igihombo bitaragaragara bituruka ku madovize, kuri zahabu, ku bikoresho by'imari no ku yindi mitungo ntibigira uruhare mu kugena inyungu zisaranganywa. (3) Ku nyungu nyayo isaranganywa, 20% ashyirwa mu mafaranga y'ingoboka kugira ngo imari shingiro yiyongere igere byibuze ku ku kigero cya 10% cy'imyenda y'amafaranga ya banki. (4) Nyuma yo gukuraho andi mafaranga Inama y'Ubuyobozi ibona ko bikozwe mu buryo bukwiye, inyungu isigaye ishobora gusaranganywa ishyirwa mu Isanduku ya Leta.	<u>Article 68: Distributable profit</u> (1) The net profit of the NBR is calculated in accordance with International Financial Reporting Standards. (2) Unrealised gains and losses on foreign currencies, gold, financial instruments, and other assets are excluded from the determination of distributable profit. (3) From the distributable net profit, 20% are credited to the general reserve fund to increase the total capital to at least 10% of the bank's monetary liabilities. (4) After deducting other allocations considered appropriate by the Board of Directors, the remaining distributable profit is transferred to the Public Treasury.	assortis d'une date d'échéance fixe. <u>Article 68 : Bénéfice distribuable</u> (1) Le bénéfice net de la BNR est déterminé conformément aux Normes internationales d'information financière. (2) Les gains et les pertes non réalisés sur les devises étrangères, sur l'or, sur les instruments financiers et sur d'autres actifs sont exclus de la détermination du bénéfice distribuable. (3) Sur le bénéfice net distribuable, 20% sont affectés au fonds de réserve général afin de porter le capital total à au moins 10 % des passifs monétaires de la banque. (4) Après déduction des autres affectations jugées appropriées par le Conseil d'Administration, le bénéfice distribuable restant est transféré au Trésor public.
--	---	--

<u>Ingingo ya 69: Itangazwa ry'ibitabo by'imibare y'ibarura n'inyigo ku byerekeye ubukungu n'imari</u> (1) BNR itangaza ibitabo birimo imibare y'ibarura n'inyigo byerekeranye n'ubukungu n'imari. (2) BNR isaba ibigo by'imari, ibigo bya Leta n'iby'abikorera cyangwa undi muntu, kuyigezaho imibare n'amakuru ikeneye mu isesengura ry'ibyerekeranye n'imiterere y'ubukungu, ifaranga, inguzanyo, kwishyurana n'amahanga ndetse n'ibisabwa byerekeye imyenda yo mu mahanga. (3) BNR ishobora gushyiraho uburyo bw'imikoranire itaziguye n'ibigo ndetse n'amashyirahamwe y'abanyamwuga bashobora kuyiha amakuru akenewe mu gukora isesengura. (4) Iyo hagize uwanga guha BNR amakuru akenewe mu gukora isesengura, ishobora kumuhanisha ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi hakurikijwe amategeko n'amabwiriza yayo.	<u>Article 69: Publication of statistical data reports and economic and financial studies</u> (1) The NBR publishes reports containing statistical data, and economic and financial studies. (2) The NBR requires financial institutions, public and private agencies, or any other person to provide it with statistics and information needed for the analysis, related to economic, monetary, credit, balance of payments and external debt conditions. (3) The NBR may also establish direct relationships with enterprises and professional groups capable of providing it with information needed for the analysis. (4) In case of refusal to provide the information needed for the analysis, the NBR may impose administrative sanctions in accordance with its rules and regulations.	<u>Article 69 : Publication des bulletins de données statistiques et des études économiques et financières</u> (1) La BNR publie des bulletins contenant des données statistiques et des études d'ordre économique et financier. (2) La BNR demande aux institutions financières, aux organismes publics et privés ou à toute autre personne de lui fournir des statistiques et des informations qu'elle juge utiles pour l'analyse des conditions économiques, monétaires, du crédit, de la balance des paiements et de l'endettement extérieur. (3) La BNR peut établir également des relations directes avec des entreprises et des groupements professionnels pouvant lui fournir des informations nécessaires à l'analyse. (4) En cas de refus de fournir des informations nécessaires à l'analyse, la BNR peut imposer des sanctions administratives conformément à ses règles et règlements.
---	--	---

UMUTWE WA VIII: INGINGO ZISOZA <u>Ingingo ya 70:</u> Igihe ntarengwa cyo kujuririra icyemezo cya BNR Haseguriwe ingingo z'amategeko yihariye, ubujurire ku cyemezo cyafashwe na BNR butangwa mu gihe cy'amezi atatu abarwa uhereye ku munsu icyemezo cyamenyekanishirijwe. <u>Ingingo ya 71:</u> Abagize Inama y'Ubuyobozi igihe iri tegeko ritangiriye gukurikizwa Igihe cya manda y'abagize Inama y'Ubuyobozi bari mu mirimo igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa, kibarwa uhereye ku munsu bashyiriwe mu mirimo. <u>Ingingo ya 72:</u> Ingingo izigama ikanavanaho Uretse ingingo ya mbere y'Itegeko n° 48/2017 ryo ku wa 23/09/2017 rigenga Banki Nkuru y'u Rwanda, ku bijyanye n'ishyirwaho rya BNR, izindi ingingo zaryo zose zivanyweho.	CHAPTER VIII: FINAL PROVISIONS <u>Article 70:</u> Time limit for appeal against decision of the NBR Subject to provisions of specific laws, an appeal against a decision of the NBR is submitted within three months from the date of notification of the decision. <u>Article 71:</u> Members of the Board of Directors serving at the time of entry into force of this Law The term of office of the members of the Board of Directors serving at the time of entry into force of this Law is computed from the date of their appointment. <u>Article 72:</u> Saving and repealing provision Except Article One of Law n° 48/2017 of 23/09/2017 governing the National Bank of Rwanda, concerning the establishment of the NBR, all other provisions of that law are repealed.	CHAPITRE VIII : DISPOSITIONS FINALES <u>Article 70 :</u> Délai de recours contre une décision de la BNR Sous réserve des dispositions des lois spécifiques, un recours contre une décision de la BNR est soumis endéans trois mois à partir du jour de notification de la décision. <u>Article 71 :</u> Membres du Conseil d'Administration en service au temps d'entrée en vigueur de la présente loi La durée du mandat des membres du Conseil d'Administration en fonction au moment de l'entrée en vigueur de la présente loi, est comptée à partir du jour de leur nomination. <u>Article 72 :</u> Disposition de sauvegarde et abrogatoire À l'exception de l'article premier de la Loi n° 48/2017 du 23/09/2017 régissant la Banque Nationale du Rwanda, en ce qui concerne la création de la BNR, ses autres dispositions sont abrogées.
--	---	---

<u>Ingingo ya 73: Ingingo y’ururimi</u> Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw’Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw’Ikinyarwanda. <u>Ingingo ya 74: Gutangira gukurikizwa</u> Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda.	<u>Article 73: Language provision</u> This Law was drafted in English, considered and adopted in Ikinyarwanda. <u>Article 74: Entry into force</u> This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	<u>Article 73 : Disposition linguistique</u> La présente loi a été initiée en anglais, examinée et votée en Ikinyarwanda. <u>Article 74 : Entrée en vigueur</u> La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.
--	--	--

Kigali,

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika
President of the Republic
Président de la République

Dr NSENGIYUMVA Justin
Minisitiri w’Intebe
Prime Minister
Premier Ministre

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
Sean and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République :

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel
Minisitiri w’Ubutabera akaba n’Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux